# Uri Muri Wowe

Jeffersonville, Indiana, USA
10 Ugushyingo 1963

1 Murakoze. Umwami abahe umugisha. Reka tugume duhagaze, akanya gato mu gihe turimo dusenga. Reka twubike imitwe yacu ubu, kandi abo bose bashaka ko tubibuka mu masengesho, muzamure ibiganza byanyu maze muvuge muti, "Mana, ni njye."

2 Uwera cyane kandi Uwigiciro Imana, tuzanye aba bantu Imbere Yawe hamwe n'ibyifuzo dufite. Basabye kubibuka; kandi, Mwami, ibiganza byanjye nabyo biri hejuru. Ndagusenze kugira ngo utugirire imbabazi. Uzi ibyifuzo byacu, kandi turasenga nkuko Watwigishije gusenga; "Ubwami Bwawe buze. Ibyo Ushaka abe aribyo bikorwa mu isi, nkuko bikorwa mu ijuru." Kandi, Data, turagusaba uyu mugoroba ngo utugirire imbabazi, kandi kubwo kubohorwa k'umwuka, kugira ngo tubashe kugira ubushobozi bwo kuzanira abantu ukuri k'Ubutumwa Bwiza, kandi icyo twizera ko ari ubutumwa bw'iyi saha kubw'Itorero Ryawe; Mwami, turasenga turi agace k'iryo Torero iryo rigomba guhamagarwa mu minsi ya nyuma. Kandi, Data, niba tutari ako gace, noneho uduhishurire icyo tugomba gukora ngo tube ako gace, kandi uduhe ubuntu, imbaraga, kuri iyi saha yo kugeragezwa iri kuri iyi si kugira ngo igerageze abantu bose bari hano. Uduhe Umwuka wawe Wera kugira ngo utuyobore kandi utwerekere, kugira ngo amaherezo, ku iherezo, tuzaze kuri Wowe mu mahoro kubw'Ubugingo Buhoraho ubwo abizera bose bategereje kuva mu itangiriro ry'igihe. DUfashe, Mwami. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena. (Mushobora kwicara.)

3 Ndanezerewe cyane kubw'amahirwe yo kuba hano uyu mugoroba… Uyu mugoroba kandi kubw'ubuntu bw'Imana ubwo twahawe binyuze muri Yesu.

Kandi noneho, ku bijyanye n'ubutumwa muri iki gitondo… Noneho ubu, ndashaka ko buri wese asobanukirwa byuzuye. Ubu, nizeye Imana ko ubu atari kiriya gihe. Murabona? Ariko ubutumwa ni ukuri. Ubutumwa ni ukuri. Igihe kimwe, niba iki atari cyo gihe. Kandi kirasa neza nacyo, kugeza ubwo numva meze nka Pawulo wa kera, wavuze ati, "Ntabwo nikenze kubabwira inama zose" (Murabona?), buri kintu cyose kigomba gukorwa.

4 Hari ikintu kimwe nakoze, muri iki gitondo, mumbabarire kuko nkivuze. Navuze izina rya mwene Data ntekereza ko ari mu ikosa. Ntabwo najyaga gukora ibyo. Ntabwo nigeze mvuga izina ry'umuntu. Kandi noneho iyi kasete biramutse bibaho ko imugera mu ntoki, kandi ndashaka kumureba maze nkavugana na we, kubera ko ntekereza ko mwene Data, umuntu ukomeye, umuntu mwiza, uwo wabwirije hano kuri iki gicaniro, Mwene Data David duPlessis. Kandi ntabwo nashakaga kuvuga izina rye; nari mpangayitswe n'ubutumwa n'ibindi, kubijyanye no kuba "Niba iki aricyo gihe?" Maze mvuga izina rya mwene Data. Ntabwo njya nkora ibyo. Mumbabarire narabikoze. Nkunda Mwene Data David duPlessis. Ni mwene Data, kandi ntekereza ko umuntu w'umuhanga nk'uriya yagombye kuba yarigishijwe mu Byanditswe.

5 Ndababwira ibyo aribyo. Ni… Ikiganiro David na njye twagize, rimwe yamvuze mu materaniro. Yabwirije hano kuri iki gicaniro, cyangwa mu rusengero rwa kera, aha kuri iki gicaniro. Kandi umuvandimwe we, Justus, yari umusobanuzi wanjye muri Afurika y'epfo, aho nzasubira. Kandi baturuka mu muryango mwiza, urugo rw'abapantekote, abantu beza. David yari, ndibwira, ukuriye Word Pentecostal Assemblies igihe kimwe na Pentecostal World Conference. Hari umwe mu babakuriye. Kandi hanyuma aza kuza muri Leta Zunze Ubumwe nuko atura muri Texas hamwe na Mwene Data Gordon Lindsay, maze nuko atangira kubwiriza ahantu hose hatandukanye.

6 Ariko ibyo byari ibiki, aho ntekereza ko Mwene Data yakoze ikosa, nkuko nyakora cyangwa undi wese, yatangiye kugendana n'abantu bo mu nzego zo hejuru. Atangira kuvugana n'abo muri Kaminuza ya Princeton ndetse aho hantu batangira kumutumira, atekereza ko yarimo akora ibintu biribyo, yarimo yinjiza ibikenewe mu mashini. Murabona? Kandi uko kwishima... Ndetse atari ibyo gusa, ahubwo na Full Gospel Business Men aribo batera inkunga amateraniro yanjye ku isi hose... Murabona? Nkunda bariya bantu (Murabona?), ariko ntabwo nemeranya nabo ku mahame y'ibyo baribyo... Bavuye ku mahame yabo uko yari batangira, none ubu bahindutse nk'irindi dini ryose cyangwa ikindi kintu. Murabona? Kandi ibyo n'ibiki, ntabwo bari kugerageza kuguma ari Abapantekote, ahubwo bagerageza kuvanga Pantekote n'ibisigaye byose hamwe.

7 Kandi bisa nkaho kuri njye Mwene Data duPlessis, umuntu utangaje, umuntu mwiza nk'uriya, yagombye kuba yari azi bihagije Ibyanditswe kugira ngo nabona umugeni usinziriye arimo agerageza kugura amavuta, amenye ko igihe cyagiye. Murabona? Mwibuke, igihe aje kugura amavuta, nta mavuta yari asigaye. Ibyo ni Ibyanditswe. Maze aravuga ati, "Muduhe ku mavuta," abwira itorero, ariko ntabwo yayabonye. Ashobora kuba yasimbuka hejuru no hasi, akavuga mu ndimi, n'ibindi byose, ariko dukurikije Amagambo y'Imana ubwayo, ntabwo yayabona. Murabona? Kandi yari aho hanze mu mwijima, kandi barimo barira, bataka, ndetse bahekenya amenyo, igihe Umugeni watoranijwe yari yamaze kugenda; Umwari w'umunyabwenge yari afite amavuta mu mperezo.

8 Noneho, nzi undi muntu, ikintu cyabaye undi munsi… Icyo ari cyo, ni aba bantu beza (Murabona?), bakoze gato, muzi icyo nshaka kuvuga, bishingikirije gato ku bantu. Kandi ikintu cya mbere murabizi, bibwira ko ari Imana irimo kubikora. Kandi ibihe byinshi, uwo aba ari Satani urimo gukora ibyo. Murabona?

Yesu yagize amahirwe yo kuza imbere ya Herode; Yagize amahirwe imbere ya benshi, kandi bashakaga kumukoresha nk'umuntu wo gushimisha ibirori. Murabona? Ibyo nibyo barimo kugerageza gukora muri Pantekote. Pantekote yasohotse muri ibyo bintu, kugira ngo yitandukanye, none kimwe nk'uko ingurube iva mu isayo n'imbwa ikava ku birutsi, zikongera zikabisubiramo nanone, none ubu niko bari mu Nama Mpuzamadini. Murabona? Ni bibi cyane. Biteye isoni

9 Imana, indinde ndi muto ndetse nciye bugufi kuburyo Ibasha kumpishurira Ukuri Kwayo. Murabona, ntabwo nigeze nshaka gukora ibyo. Nta bishashi, nta kumyasa cyangwa kumurika kw'isi; reka mfate inzira hamwe n'insuzugurwa z'Umwami abo bake. Reka ngumane n'Ijambo.

10 Noneho, ndimo mvuga ku Nama Mpuzamadini yifatanije na Vatikani… Ese wibwira ko bakwiyungira ku Ijambo? Birashoboka mu idini, ariko ntibabikora ku Ijambo. Murabona? Uko ni ukuri. Noneho nta kintu gihari cyose kugambanira. Murabona? Idini, byose ni kimwe (Murabona?), buri kintu ni kimwe. Byose biratunganye mu murongo; umukobwa na nyina. Ariko igihe bije kuri iri Jambo, aho nyuranye byeruye n'Abametodiste, n'Ababatista, n'Abapresbyteriani, nkuko nyuranye n'Abagaturika, kubera ko n'umukobwa na nyina dukurikije iri Jambo. Ni iri Jambo mpagazeho (Murabona?), Iri, buri Jambo ryo muri Ryo.

11 Noneho, uyu mwene Data mukundwa, we n'umugore we n'inshuti zanjye za hafi. Benshi muri mwe mwabonye ikinyamakuru uburyo uriya mukundwa, mwene Data watumwe n'Imana yashoboye kwemerera umugore we… Umuntu yaramubwiye ngo asa na Jacqueline Kennedy, aribona… imwe mu nyogosho ye izwi cyane, kandi hanyuma... Ibyo ni ibiki? Yifatanije n'abo bantu, ibihe byose, maze amaherezo... Umuntu mwiza iyo afashe umugore mubi, wenda azahinduka umugore mwiza... cyangwa, ndashaka kuvuga, umugabo mwiza utwaye umugore mubi, wenda azahinduka umugore mwiza cyangwa uwo ahinduke umugabo mubi. Nyereka abo mugendana; nzakubwira uwo uri we. Murabona? Inyoni z'ibara rimwe, ziguruka hamwe. Ujye uhunga ibyo bishashagirana.

12 Namanutse hepfo iyo mu birombe, undi munsi, aho mu mpinga y'imisozi ku mupaka wa Arizona na Mezique; Mwene Data Sothmann na njye (Yicaye hano) yari aho hejuru turi hamwe. Maze ndagenda nuko ncukura ikirundo cy'ibintu… Byasaga neza neza nk'izahabu. Ariko uburyo bwakubwiraga ko atari zahabu, byarashashagiranaga kurusha zahabu. Byarashashagiranaga; kandi zahabu ntabwo ishashagirana; irarabagirana. Murabona? Kandi uburyo bayita ngo, ni zahabu y'abasazi. Nta nubwo iba ifite agaciro k'ibitare irikumwe nabyo. Yitwa pyrite y'ibyuma. Ndatekereza ko abahanga bemeza ko amazi n'aside itonyanga n'ibindi ntabwo byageze aho bihagije byo gutuma ikomera maze biyigeze aho ihinduka zahabu; noneho irashashagirana cyane, ariko nta butabire ifite muri yo. Kandi uko niko abigira abakristo benshi bameze. Murabona? Birashashagirana, kandi ni kimwe na Hollywood; ariko Itorero rirabagirana n'Ubutumwa bwiza. Murabona?

13 Noneho, mushiki wacu umwe, Billy yamunyeretse, yari anejejwe no kujya gushaka iki kinyamakuru kitwa Life, iyi foto, maze akayigira nini, iyo… Y'Abamarayika barindwi, maze arayifata nuko arayinyoherereza. iyi foto. Kandi noneho, niba mushobora kubireba hano, mu gihe yagendaga, izamutse isubiyeyo, igihe Abamarayika bazanye ubutumwa bwabo, bari mu ishusho ya piramide, neza neza nk'ibyo nababwiye amezi atatu mbere y'uko biba, n'uburyo bizagenda. Ese uku ni ukuri? Maze uwo Marayika wagaragaraga, hamwe n'amababa Ye inyuma ku ruhande, inyuma, agana inyuma, mwibuke njye, naravuze nti, "Yarafite umutwe We... azakuvuga." Ese ntimubona n'amababa hariya? Kandi hari Marayika hariya, neza neza mu buryo byavuzwe.

14 Noneho, Imana yonyine niyo ishobora gukora ibyo. Bafite ifoto iri hano nabo, y'umugore wavuze ngo… Ibihe byinshi, abantu baravuga bati… Mu kurondora, Aravuga ati, "Uyu muntu afite igicucu cy'urupfu, igicucu cyijimye."

Bakavuga bati, "Rero, niwe ubyivugiye." Murabona, abo ni abantu badashobora kujya ahantu hose; ntabwo bashobora kubona ibyo. Bashobora kuvuza induru hamwe na we; bashobora kuvugana nawe; ariko igihe bisabye ko bizera by'ukuri hamwe n'ubugingo bwabo bwose n'umubiri, ntabwo babishobora. Nuko, ariko murabona, niba Imana iri muri byose kandi bakavuga Ukuri, aha ni igihe cyanyuma mu mateka y'isi. Birarangiye. Ntabwo hazongera kubaho igihe ukundi, igihe kimwe. Imana irimo guhamiriza buri kintu byaba iby'umwuka n'ubushakashatsi.

Igihe navuze nti, nkiri umuhungu muto, "Inkingi y'umuriro yasaga n'inyenyeri..."

15 Ni bangahe babyibuka, ibihe bya kera, bahoze bayita "Inyenyeri"? Igihe Yabonekaga hepfo hano ku mugezi, igihe Yavuze iti, "Nkuko Yohana Umubatiza yoherejwe..."

Noneho, amaherezo, ibyo byaramanutse ndetse amafoto arafatwa ya Yo kuri… Hari imwe twari dufite hano ahantu runaka. Yego, baravuze ngo iri hariya hejuru mu nguni, ntabwo nshobora kuyibona. Ubushakashatsi bwahamije ko ibyo ari ukuri.

Kandi noneho, kubona ko abantu bari batwikiriwe n'igicucu. Noneho, hano hari umugore, ufite ifoto. Ngiriya hariya, imeze neza nk'izindi foto, bafata bakoreshe imashini. Ndavuga… (Umuntu yarimo

atangararira ibiri kuba)… maze mbwira uwo mugore, “Utwikiriwe n'igicucu cy'urupfu kubera kanseri. Hari igicucu cyirabura.” Arahindukira maze afata ifoto. Umugore yari hano abihamya, kandi ahari ari hano uyu mugoroba kubyo nzi. Murabona? Noneho, hariya hari umugore umeze nk'uwitwikiriye igitambaro cy'umukara hejuru ye. Nibyo, ubu, hari ibihamya by'ubushakashatsi ko ibyo bintu ari ukuri. Kandi ako kanya nyuma y'uko umugore avuzwe ko ameze neza, bafata indi foto, kandi cya kintu nta cyari gihari. Noneho n'iki cyakoze ku jisho rya camera noneho? Kandi n'iki cyavuye aho nticyongere kugaragara ku jisho rya camera igihe yabwiwe ko akize? Murabona?

Noneho, mpagaze hano, nababwiye ko Abamarayika barimo baza.

16 Mwene Data Fred, yari umwe… (Nabonye Mwene Data Fred mu kanya kashize. Ndatekereza ko yaba ari hano, ariko nabuze aho ari. Oh, hariya inyuma, uko ni ukuri.) Yari ahagaze nko mu birometero bitatu, cyangwa bibiri by'aho nari ndi, yumva guturika, abona ibitare n'ibindi, igihe byababaga. Uko ni ukuri, Mwene Data Fred? Kandi aho hari Marayika wari woherejwe n'ubwo butumwa. Kandi hano buri nyakuri mu ishusho ya pyramide, nkuko naberetse icyo byagombaga kuba hano, mbabwira uko bazaba bahagaze mbere y'uko ngenda. Amafoto menshi nyuma y'andi hirya no hino mu gihugu yarabifashe, kugera muri Mexique, byari hejuru nko mu birometero 48 n'ibirometero 43 by'ubugari. Kandi byari hejuru cyane kuburyo habe n'ibitumbiko cyangwa ikindi kitahagera... Ibitumbiko ntabwo birenga hejuru y'ibirometero cumi na bitatu cyangwa cumi na bine hejuru. Noneho muba mugeze ahantu nta kintu gihari gishobora kuzana ibitumbiko. Murabona? Kandi niko byari biri, ndatekereza byari nko mu birometero by'ubuhagarike n'ibirometero 48 by'ubugari, cyangwa ahari byari ibirometero 48 by'ubuhagarike na 43 by'ubugari kimwe cyangwa ikindi. Ikinyamakuru cyitwa “Life” cyarabyanditse, cyangwa “Look.” N'ikihe, ni “Look” cyangwa “Life”? Ni “Life, Life” ikinyamakuru. Ndatekereza hari mu kwa gatanu ku itariki 17, byandikwa. niko biri.

17 Noneho ngaho aho biri, mu buryo bw'ubushakashatsi, hari igihamya ko ibi ari ukuri. Noneho kubw'ibyo… Ntabwo dufite ubwoba bwo kwibaza niba ari ukuri. Byaba mu buryo bw'ubushakashatsi no mu buryo bw'umwuka, kandi n'iki cyari cyaravuzwe ko kigomba kubaho. Noneho ubutumwa bw'Ibimenyetso Birindwi, mu gusoza kwabyo, nibwo Butumwa bwa Bibiliya yose. Ibimenyetso Birindwi bisoza Isezerano Rishya maze rigashyiraho ikimenyetso, uko ni ukuri.

Noneho, tuziko ibyo ari mu mvugo za gihanuzi, binyuze mu bushakashatsi, ndetse binyuze mu Ijambo. Hari abahamya batatu kuri byo, ibyo ni ukuri.

18 Noneho, tuziko turi kw'iherezo ry'igihe; turi hano. Ntabwo nzi ngo dusigaje igihe kingana iki; ntabwo azigera atuma tubimenya, kubera ko kuza kwe kuza kumeze nk'umujura mw'ijoro. Ariko, nshuti, mwene Data, mushiki wanjye, reka twitegure uko biri kose. Reka twitunganye ubwacu. Murabona, kubera ko isi izikomereza ibyayo. Nta nubwo bazamenya ko byabaye. Igihe imiryango y'ubuntu izaba yakinzwe, ababwiriza bazakomeza kubwiriza agakiza, (murabona?), batera abantu kwihana, bazakomeza gutyo nkuko igihe cyose byahoze. Byabayeho mu bindi bihe kandi bizaba muri iki gisekuru. Kandi izamurwa rizaba mu kanya gato kandi ryihuse kuburyo isi nta nubwo izababura, ngo imenye ko bagiye. Uko ni ukuri. Ntacyo bazabimenyaho. Araza kandi agahita abura. Bakaba bagiye; nta kintu babiziho. Noneho mube mu masengesho. Munsengere. Ndabasengera. Ntabwo tuzi igihe iyo saha izaba, ariko twizera ko ari vuba. Kandi mujye kure y'ibintu bishashagirana. Mugumane n'Ubutumwa Bwiza. Murabona? Mugume aho kandi musenge.

19 Noneho, Billy yanyandikiye urwandiko hano, cyangwa akandiko ahari, maze aravuga ngo hari umuntu ushaka ko basengera umwana. Niba ariko biri… Sibyo? Zamura ikiganza cyagwa niba ahari… Yego, abana babiri. Niko biri, Mubazane hano hejuru. Kandi Mwene Data Neville... Kandi ndibaza niba mushiki wacu kuri Piano yashobora kuza hano akanya gato kubwo gusengerwa k'umwana. Ntacyo dushaka gusiga inyuma...

Noneho, mwibuke, nk'iki gihe ejo nimugoroba, Umwami nabishaka, nzaba ndi muri New York City kandi tuzaba tugiye mu rugamba kujya kurwana intambara nziza yo kwizera.

Uko niko ahagana hano, mushiki wacu, niba ubishaka, ahagana hano imbere. Ndabaterura. Ubu, uraba… Urakoze.

Kandi noneho, ni bangahe bazadusengera? Noneho, niba Imana ibishaka, ibyo nizeye ko Ibishaka, Kucyumweru, mu cyumweru (niba ibyo ari ukuri hamwe na Mwene Data Neville)… Kucyumweru, mo hagati, nzaba ndimo ngaruka ngiye Louisiana, kandi nzahagarara kugira ngo nkore amateraniro hano ku rusengero.

20 Ndashaka kubashimira kubwo kuba abantu beza mwese. Uriya mugore wanyoherereje bombon aho; ibyo ndabikunda. Ntabwo nzi uwo mugore uwo ari we, umuntu yanyoherereje agapaki ka bombon ndetse n'izo njugu. Nyakuri, byari biryoshye. Nubu ndacyabihaze, ndagushimiye. Kandi mutekereza ko ibyo bintu bito ntacyo bivuze? Nyakuri bifite icyo bivuze; utwo tumenyetso duto. Kandi abantu banyuranye bajya bampa izo mpano zabo nto z'urukundo, maze bakabyereka Billy Paul; maze bakabimuha, n'ibindi. Murabona? Ntabwo muzi uburyo mbishima. Imana ibahe umugihsa. Nzajya mbyibuka (Murabona?); kangahe Yo yabyibuka. “Ibyo muzagirira aba bato bo muri aba, abato banjye, Ninjye muba mubigiriye”

Murabona? Noneho, muzagirirwa imbabazi igihe imbabazi zizatangwa.

21 Noneho, dufite abantu bato beza hano. Ese mwashobora… Ndashaka ko aho muri noneho turirimba "Bazane," nyuma. Ni byiza, mwe bene Data muze hano hejuru umunota umwe.

Mbega, hano hari abakiri bato: hari babiri b'amaso atukura barimo bandeba n'iyo nseko nziza basamye. Abakobwa bato? Ni bande… Sharon Rose. Iri ni izina rikomeye ryo kumwita, nyuma y'umukobwa wanjye muto wagiye. Narimwise mbere y'uko avuka; niba agomba kuba umukobwa muto, mwajyaga kumwita Sharon Rose. [Twari tubizi ko azaba umukobwa. Yagombaga kuba we—Ed.]Yagombaga kuba... Muzi ibyo aribyo? Ntabwo nzi niba mubizi cyangwa mutabizi. Iyo umugore wanjye aba ahagaze aha, yajyaga kwitura hasi. Iyi niyo myenda imwe umukobwa wanjye yari yambaye ubwo yasengerwaga, uwo Sharon Rose muto. Uyu ni we ahari... Ahari uyu niwe uriho, aho Imana yakuye uwanjye... Irindi zina ryawe ni irihe. Mrs... Ese uturutse muri uyu mugi? Chicago. Mwene Data na Mushiki wacu Goodman, Imana ibahe umugisha.

22 Murazi, Sharon muto wanjye yasaga gutya. Ntabwo ntekereza ko haba hari umuntu hano umwibuka uburyo yasaga. Yari afite amaso ajya gutukura, kimwe na mama we, yari mwiza, agakobwa gato gafite umusatsi w'umukara, ninko muri… Ese uyu angana iki? Amezi atanu. We yari amezi umunani igihe Imana yamuhamagaye. Naramubonye gato nyuma y'ibyo. Muzi iyo nkuru. Murabifite mu rugo ku makasete.

Sharon Rose rituruka mu Ijambo. Nabisikanyije iryo zina rivuye kuri Rose de Saron. Kandi Yarikeneye zimwe ku gicaniro Cyayo, nuko Iramutwara. Murabona? Kandi nzongera mbe hamwe na we indi nshuro. Reka uyu Sharon wanyu abeho kugira ngo azasohoze ubuzima yari kuzabaho hano ku isi. Kandi reka azabe hamwe namwe mu bwiza nkuko niyumvamo ko Sharon wanjye azaba hamwe nanjye.

23 Umeze ute… Muravuga aba bantu bato basabana, murebe uyu. Araseka. Reka twubike imitwe yacu.

Mukundwa Mana, nkuko mfashe ubu butunzi buto, uyu Sharon Rose, Uzi mu mutima wanjye, Mwami, icyo ntekereza, noneho ntabwo nashobora kukigaragaza. Hahirwa Umwami Imana Yo iha imitima yacu ibintu by'agaciro nk'ibi. Uhe umugisha uru rugo rwa Goodman. Reka ababyeyi bubahwe, ari uko bari, kubwo kugira uwigiciro nk'uyu mu rugo. Reka azagume mu rugo rwabo, Mwami. Kandi niba hariho ejo, reka azavemo umugore wiyubaha w'ejo.

Kandi noneho, Mwami Mana, mu kubaha icyo Wadutumye gukora binyuze mu rugero Rwawe watanze, Wafashe abana bato mu biganza Byawe maze Ubaha umugisha, maze uravuga uti, "Mureke abana bato bansange." Igihe bazanye abana kuri njye, kubwo kuba umukozi Wawe, nkuko Wavuze ko abakozi Bawe bazakomeza umurimo Wawe... Kandi hano hahagaze umukozi Wawe, Mwene Data Neville, na Mwene Data Capps, nanjye ubwanjye...

Kandi noneho, Mwami Mana, tubakuye mu biganza bya se na nyina tuguhaye uyu muto Sharon Rose Goodman, uwo tukweguriye kubw'ubuzima bwo kugukorera, mu Izina rya Yesu Kristo. Amena. Imana ibahe umugisha. Hari abandi bato beza batanu ukuyeho uyu, mbega uko ari byiza. Imana ibahe umugisha Mwene Data Goodman. Imana ibahe umugisha Mushiki wacu Goodman, kandi reka Umwami ahe umugisha uyu Sharon muto.

24 Umeze gute, mwene Data. Noneho reka turebe. Arnette, arnette… Nibyo. Ese niko biri? William? William Arnette, James William Arnette, uyu ni umuhungu mwiza. Murazi, ikintu duhuriyeho, we na njye: amazina, kandi umusatsi wacu ugabanije kimwe, neza neza... Ni umuhungu mwiza, Jimmy? Ndakeka ariko mujya mu mwita, James? James, James. Niko biri. Ndibaza niba ndashobora kumufata. Ntabwo mbizi ubu; ... Mwibuke turi inshuti. Ibyo murabizi, ese ntimubizi? Rero, reka twubike imitwe yacu.

Mwami Imana, Wahaye umugisha uru rugo rwa Arnette, hamwe n'uyu muhungu muto mwiza. Kandi ndasenze ngo uhe umugisha ise, na nyina, n'abavandimwe be. Ni Abakristo. Mbega uko uyu mubyeyi yarwanye bikomeye, ayo matabi n'ibindi bintu bitandukanye. Kuva umunsi byaje binyuze muri "UKU NIKO UWITEKA AVUZE..." Yari ameze nka wa mugore wari ufite umuhate ko agomba kugera aho. Nubwo ibi bintu byamunaniraga; nubwo buri kintu cyasaga nkaho kigoye, yakomeje gufata igice cy'amafaranga ye maze akaza mu kiganiro nyuma y'ikindi kugeza ubwo igitondo kimwe byabayeho. Yizeraga ko bigomba kubaho.

Noneho, yazanye umuhungu muto uwo Wamuhayemo umugisha, O Mana, imbuto zo kwiyunga kwabo. Mpaye umugisha uyu James William Arnette muto mu Izina rya Yesu Kristo. Umuhe ubuzima burambye. Umugire umuntu ukwiriye w'Ubutumwa Bwiza Bwawe bw'ejo, niba hari ejo hazaza. Kandi amaherezo, mu Bwami bugomba kuza, reka tuzabe turi hamwe. Njye, kimwe n'abandi bakozi Bawe, turambitse ibiganza kuri we kandi tumweguriye Yesu Kristo kubw'ubuzima bw'umurimo. Amena.

25 Imana ibahe umugisha… Mufite abandi babiri? Oh, aba ni bamwe. Niko biri. Ndibwira ko muri hafi kuba mwanjyana kuruta ko njye nabajyana. Noneho uyu ni Alvin, na Al, na Martha. Reka iri teraniro… Ndifuza ko mwareba aba bana. Ntekereza ko iyo bakiri bato mu myaka mito, baba ari beza. Noneho, reka turambike ibiganza kuri bo. Kimwe n'aba, Mana Ishobora byose, twe, abakozi Bawe, turambitse ibiganza

byacu kuri aba bana, aba bavandimwe bato na bashiki b'uyu muhungu muto uyu tumaze kukwegurira hano. Tubarambitseho ibiganza kubwo kubakwegurira bavuye mu biganza bya mama na papa kugira ngo bajye mubiganza bya Yesu Kristo kubw'ubuzima bwo kugukorera, mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

Imana ibahe umugisha… Ni byiza kongera kubabona indi nshuro. Umwami abane namwe…

26 Ese uyu ni we muhungu muto, mbega, ni umuhungu mwiza. Najyaga ngabanya umusatsi wanjye nka gutya. Izina rye ni nde? Terrell Keith Walker. Mbega umuhungu mwiza. Ndibaza. Ntabwo mbizi. Arandeba neza kuburyo bushoboka… Ndibaza niba nshobora kumufata. Ese ni byo ni Keith? Oh, ni umuhungu mwiza. Ese si umuhungu muto wo gukundwa? Harrell? Terrell... Terrell Keith Walker. Mana Ishoborabyose, bavuye mu biganza by'ababyeyi bagiye mu biganza bya Yesu Kristo, uyu muto Terrell Keith Walker, tumurambitseho ibiganza kuri we kubwo kumwegurira Imana Ishoborabyose, nkuko se na nyina babyifuje ko uyu mwana yakurira mu kubaha Imana. Niba hariho ejo hazaza, umugire umukozi ukwiriye kubw'uku kumukwegurira, kubera ko twe, abakozi Bawe, turambitse ibiganza kuri uyu mwana kandi tukaba tumweguriye Umwami Yesu Kristo. Amena. Imana ibahe umugisha, mwene Data na mushiki wacu. Ese uyu niwe Mushiki wacu Walker? Ni byiza cyane. Ufite umuhungu mwiza kandi reka Imana imuhe umugisha.

27 Niko biri, mugabo. [Mwene Data arimo kuvugana na Mwene Data Branham—Ed.] Yego. Uyu mukobwa muto… Mwene Data Grimsley, uyu Grimby. Ibi ndabivanga. Mfite Mwene Data Grimsley; sinibuka neza… Mwene Data Grimby azanye uyu mukobwa muto. Kandi igihe yavukaga, yarafite ikintu kibyimbye kinini mu maso he. Maze ndamusengera maze icyo kibyimba kirakira. Kandi noneho... Barashaka ko dusenga kubera ko... Ese ababyeyi ni Abakristo? Ntabwo ari Abakristo, kandi bafite ubwoba ko umwuka mubi ujya utera umwana. Kandi barashaka ko umuvaho. Reka dusenge. Mwami Yesu, kuri uyu mwana muto, nkuko yunamye hano ku gicaniro, uwo Werekanye ubuntu bwawe umukuraho ikibyimba cyari kibyimbye mu kanwa ke… Noneho umwuka uri kugerageza gufata ubuzima bw'uyu mwana. Nta gushidikanya ko ahubwo Washobora gukoresha uyu mukobwa kandi uteganya no kubikora, none Satani arimo kugerageza gutambamira uwo mugambi. Kubw'ibyo, dutegetse Satani, mu Izina rya Yesu, gukura ikiganza cye na we ubwe akava kuri uyu mwana. Tumuhaye Umwami Yesu Kristo kubw'icyubahiro cy'Imana. Amena... Noneho urizeye... Umwana aracyari muto cyane kuburyo bigoye ko yagira kwizera, ariko bizaba...

28 Ndamukunda. Ese mwe ntimumukunda? Aratangaje. Noneho, buri wese, nasezeranye uyu mugoroba ko ndibube ndangije saa mbiri n'igice, ibyo bimpa isaha n'igice. Ubu ntabwo mbizi, ibijyanye n'ibyo; nshobora kuza gukererwaho gato kuri icyo gihe. Ariko reka noneho ubu...

29 Ndanezerewe kubona Mwene Data Dauch hano iki ni igitondo. Kandi ntabwo nzi aho undi muntu agiye; ariko muri iki gitondo, niba yaba yarigeze agira umuntu wakeka ko ari we, hari umugabo wicaye hariya inyuma, ni umuntu wakeka ko ari we kuburyo bukabije. Nibajije nti, "Ninde Brother Dauch muri bariye?" Narebye imbere n'inyuma, kandi nari ngiye kumuhamagara; ariko mfatwa n'ubutumwa. Murazi, Mwene Data Dauch, urasa nkuko wahoze usa igihe cyose. Ndanezerewe kumubona muri iyo mimerere.

Vuba ahangaha, nahamagawe n'umuntu uvuye kure muri Tucson, kugira ngo nongere musengere, ko ikindi kintu cyamubayeho. Mwene Data Dauch ndatekereza afite imyaka mirongwicyenda cyangwa mirongwicyenda n'umwe. Afite imyaka mirongwicyenda, ndibwira, cyangwa mirongwicyenda n'umwe. Kandi umubiri wawe ugenda usaza, ariko "amakuba n'ibyago by'umukiranutsi nibyinshi, ariko Uwiteka amukiza muri byose." Kandi rimwe na rimwe iyo umubiri ugeze ahantu utakibasha gufatana ukundi, nziko hari Ikiganza ufashe. nubwo ari agace k'umukungugu, Imana yasezeranye kuzawuzura ku munsi wanyuma. Kandi ndanezerewe.

30 Nibuka Mwene Data Dauch, igihe yaje hano mu kidendezi kugira ngo abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, kandi nta nubwo yari afite imyenda yo kubatiranywa hano, ariko yashakaga kubatizwa uko biri kose. Kandi Imana yagiriye ubuntu uriya muntu. Mubitekerezeho, arengeje imyaka makumyabiri ku myaka Imana yasezeranije. Murabona? Niba atari ubuntu... Kandi aracyariho, undi munsi, ubwo umutima wari uhagaze burundu, kandi afashwe n'umutima (Murabona?) Kandi hejuru y'ibyo. Ndetse iyo Imana itajya gukiza uriya muntu ngo yongere imuzure nanone. Ndibwira... Kandi ndibwira ko guhera burya ubu wa muganga yarapfuye. Ese siko biri?... Yewe n'umuganga, muganga w'umuyahudi uwo wamuvuraga n'ibindi, na we yahagaze aho mu kirongozi maze avugana nanjye kubijyanye nawe, ati byarangiye. Murabona? Mbega, rungana iki... Mbega uko urukundo Rwawe ari rurerure, O Mwami. Mbega uko Urukundo Rwawe ari runini.

31 Noneho, dufite udutambaro hano tugiye gusengera mu kanya gato, ariko ngiye kubabwira gato ku kwizera. Kandi turaza kureba icyo Umwami ari butuyoboreho, icyo turibukore nyuma y'aho. Rero, reka tubimurekere; ubwo nibwo buryo bwiza.

Oh, kubwo kuba turi hamwe ahantu ho mu ijuru. Navuganye na bamwe mu nshuti zanjye uyu munsi nyuma y'uko mvuye muri Blue Boar hakurya hariya. Kandi navuze nti, "Ese muraza kuhaguma kubera amateraniro?"

"Yego"

Ndavuga nti, “Biribusabe gutwara imodoka kugera saa sita cyangwa saa saba za nijoro” Baratekereza kuza kugera murugo mu gitondo saa kumi n'ebyiri, inzira ndende kure. Mwibuke, ni abantu, kandi barananirwa kimwe namwe. Iyo hepfo muri Tennessee n'ahandi, aho bajya. Umwami abahe umugisha.

32 Hari ibintu byinshi nshobora kuvuga, byantwara igihe cyose, ariko ntabwo dukunda kubonana, kandi nkunda kuvugana namwe uko biri kose. Ariko nintashobora kubabwira, ibyo mbatekerezaho byose, hano… Murabona? Ndashaka kuvuga kuri bene Data bamwe; bamwe muri bo bataye insengero zabo.

Mwene Data Jackson hano muri iki gitondo yaduhaye ubwo busonuro bwiza bwa ziriya ndimi zitamenyekana izo mwene Data yavuzemo, kandi ibyo bihamya cyangwa bishyigikira ko ari Imana. Ese mwabibonye, Ntabwo Yigeze ivuga ko bipfuye; ntabwo Yigeze Ivuga ko ari uko biri; Yaduhaye impanuro ko tugomba kumva. Murabona, murabona? Nuko Mwene Data Junior yari hano muri iki gitondo kandi yasezereye amateraniro; kandi nzi ko hari abandi bene Data baturutse hariya hepfo mu yandi matorero ya hano na Sellersburg.

Kandi Mwene Data Ruddell, yari hano muri iki gitondo. Ntabwo nziko bari hano uyu mugoroba, cyangwa… Hano indi nshuro uyu mugoroba… Rero, Umwami abahe umugisha, Mwene Data Rudell, kandi ntabwo nashobora kubisobanura, ibyo ntekereza. Ariko ahari… igihe tuzagera hakurya ku rundi ruhande, ndashaka kuzicarana na mwe tukamarana imyaka ibihumbi icumi buri wese. Murabona? nuko tugashobora... Murabona, tuzabivuga byose.

33 Kandi mu gihe ibisarurwa bikuze kandi abasaruzi ari bake, reka noneho dutangire gucukura, ahari kubw'amahirwe hashobora kuba hari umunyabyaha wicaye aha. Ahari hashobora kuba hari umuntu ushobora guhindura gahunda y'ubuzima yose. Kandi niba mu gitondo kitaricyo gihe, nimugoroba ibitabo bishobora gufungwa. Mwibuke, ntawe uzarengaho igihe ariya mazina azamara gucungurwa. Mbere...

Noneho, buri wese yumve neza, mbere y'uko nsoma Ibyanditswe. Abo bose bazigera bacungurwa, Imana amazina yabo yayashyize mu Gitabo cy'Umwana w'Intama cy'Ubugingo mbere y'uko isi iremwa. Ni bangahe bazi ibyo? Ibyo ni Ibyanditswe. Kandi antikristo ari mu minsi yanyuma, kandi agiye kuba hafi cyane nk'ikintu cy'ukuri, Itorero ry'ukuri, buri kintu nkuko Yuda yari ameze, kugeza ubwo bizayobya n'intore niba bishoboka. Ese uko si ukuri? Ariko nta muntu waza kuri Yesu keretse Data amwohereje. Kandi abo Imana yamuhaye bose, bazaza kuri We. Kandi igihe Yafashe icyo Gitabo, Izina rya nyuma...

34 Murabona, abo mu gisekuru cya Luteri bose, Yarabasohoye. Abari mu gisekuru cya Wesley bose, Yarabasohoye. Abo bose bari mu bisekuru bitandukanye, abo mu gisekuru cy'Abapantekote, Yarabasohoye. Bari hano, ntabwo bazacirwa urubanza hamwe nabo, bazazamurwa. Kandi noneho, igihe izina rya nyuma rizasohoka, iryo ryashyizwe mu Gitabo cy'Umwana w'Intama, uwo watambwe mbere y'imfatiro z'isi; igihe izina rya nyuma rizacungurwa, Imirimo Ye izaba irangiye. Yaje kugira yishyuze abo Yacunguye. Ibyo bitera imitima yacu kuva amaraso. Ariko nibamara kujya mu ngoma y'imyaka igihumbi nyuma, nta numwe uzacungurwa. Kandi nta numwe uzacungurwa keretse uwashyizwe mu Gitabo cy'Umwana w'intama cy'Ubugingo mbere y'imfatiro z'isi. Abo ni bande? Ntabwo mbizi. Nta n'undi ubizi(Murabona?), Imana yonyine gusa. Nizera ko buri wese muri twe, ko amazina yacu ari muri icyo Gitabo. Niba iryanjye ririmo aho, nizeye ko nta shidikanya ko nzaba ndiyo. Niba ritarimo, ntabwo nzaba ndiyo; Ni uko biri. Murabona, ibyo biterwa n'Imana. “Ntibiterwa n'ushaka, cyangwa uwiruka, ahubwo biterwa n'Imana igira imbabazi.” Murabona?

35 Noneho, reka twegere Ijambo hamwe no gutinya kose n'ubunyakuri. Kandi ndatekereza ko ikintu kimwe tugomba gukora. Murabona? Reka tureke ibidafite umumaro. Dutinye, tube abanyakuri. Njya mbona uko kwatura rimwe na rimwe aho kuri televiziyo, igihe hari amateranior ya Billy Graham, nta kibazo mfite ku materaniro ya Billy Graham, nta n'icyo mfite kuri Billy Graham. Ariko hari hanze muri Califonia, umuntu wabwirije ubutumwa bwiza, uyu mugoroba, yigishije icyo kintu kimwe nk'icyo nabwirije hano hadashize igihe kuri Daniyeli, “Wapimwe mu minzani usangwa udashyitse.” Ni bangahe bibonye? Benshi muri mwe, ndakeka.

36 Murebe, mwabashije kubona abo bantu barimo batambuka hagati y'intebe, barimo bahekenya za shikarete, baseka, bakubitana udupfunsi? Biriya ntabwo ari ukuba hagati y'Ubuzima n'Urupfu. Biriya ntabwo ari ukubabazwa n'icyaha no kwihana. Murabona? Icyo ni cyo Billy yavuze ati, “Gufata icyemezo.” Kandi ukonje. n'amaso yumutse ntabwo ari icyemezo (Murabona?), ntacyo biricyo. Ukwiriye kubabazwa n'icyaha kandi ukagihunga. Kandi Billy we ubwe yaravuze ati, “Byagaragaye ko haza ibihumbi mirongwitatu, ukaba utahasanga na mirongwitatu nyuma y'umwaka.” Niko yavuze undi munsi, “Ese New York ifite ikihe kibazo? nakozeyo ayo materaniro akomeye none n'iki cyabayeyo? Icyaha kirakabije kurusha uko cyari kimeze.” Kandi kizarushaho kuba kibi.

37 Ntabwo hazigera habaho kwihana ku rwego rw'igihugu; igihugu kiragiye; ni umuntu ku giti cye, kandi ibyo bizarangira vuba niba bitararangira. Noneho, ibyo mubyandike, mwebwe abakiri bato. Reba uburyo bigeze kure mwene Data Branham (ntabwo ari mwene Data Branham), niba icyo navuze ari ukuri cyangwa ari ikinyoma. Icyaha kizarushaho kuba kibi ndetse kibi cyane kugeza ubwo umunsi umwe ijuru rizafatwa n'umuriro; rizagwa kw'isi n'isi izatwikwa n'umuriro ugurumana. Ariko abacunguwe ntabwo

bazaba hano noneho; bazaba bagiye.

38 Noneho, mu Gitabo cya Mariko ibice 11, I Yohana 4:4, na Matayo 28:20, niho nifuza gusoma.

Noneho, ndifuza kubanza gusoma muri Mariko ibice 11 n'umurongo wa 12 kugeze ku murongo wa 24. Noneho mwumve neza mugihe tuhasoma. Kandi noneho, ibi biraza gushyikirwa n'ubuhamya buto n'amagambo make y'impuguro, kandi noneho turaza kureba icyo Umwami araza kuduha gukora. Buri muntu agume yicaye kandi asenge ubu mu gihe turimo gusoma.

Mariko 11:12

*Bukeye bwaho mu gitondo bamaze… kuva i Betaniya, arasonza.*

*Areba kure abona umutini uriho ibibabi, arawegera ngo ahari yawubonaho imbuto. Nyamara awugezeho ntiyagira icyo abona keretse ibibabi, kuko kitāri igihe cyo kwera kw'imitini.*

*Arawubwira ati "Umuntu ntakarye ku mbuto zawe iteka ryose." Abigishwa be barabyumva.*

*Bagera i Yerusalemu yinjira mu rusengero, yubika ameza y'abavunjaga ifeza n'intebe z'abaguraga inuma, ntiyakundira umuntu wese kugira icyo anyuza mu rusengero.*

*Arigisha ati "Mbese ntimuzi ko byanditswe ngo 'Inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo n'amahanga yose'? Ariko mwebwe mwayihinduye isenga y'abambuzi."*

*Abatambyi bakuru n'abanditsi babyumvise bashaka uko bamwica, ariko baramutinya kuko abantu bose batangazwaga no kwigisha kwe.*

*Bugorobye asohoka mu murwa.*

*Bukeye bwaho mu gitondo kare,…(Noneho, uwo wari undi munsi.)... bakigenda babona wa mutini wumye uhereye ku mizi.*

Nko mu masaha makumyabiri n'ane, igitangaza cyarabaye, nyuma y'uko Awubwiye ati, "Nta muntu uzakuryaho." Nta kindi, bibaho noneho; ariko ku munsi ukurikiyeho, wari wumye.

*Petero yibutse ibyawo aramubwira ati "Mwigisha, dore wa mutini wavumye wumye."*

*...Yesu arabasubiza ati "Mwizere Imana.*

*Ndababwira ukuri yuko umuntu wese wabwira uyu musozi ati 'Shinguka utabwe mu nyanja', ntashidikanye mu mutima we, yizeye yuko icyo avuze gikorwa yakibona.*

*Ni cyo gitumye mbabwira nti 'Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.*

*Kandi nimuhagarara musenga hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugira ngo So wo mu ijuru na we ababababarire ibyaha byanyu.*

*Ariko nimutababarira abandi, So wo mu ijuru na we ntazababababarira ibyaha byanyu.' " (Bigendera ku nshingano.)*

39 Noneho, ndifuza gusoma muri I Yohana 4:4.

*Bana bato, muri ab'Imana kandi ba bandi mwarabanesheje, kuko…(Mwumve neza)... uri muri mwe aruta uri mu b'isi.*

Ese nakongera nkahasoma ubu.

*Bana bato, muri ab'Imana kandi ba bandi mwarabanesheje,…(arimo avuga kuri antikristo)... Kuko uri muri mwe aruta uri mu b'isi. (insimburazina ebyiri… Murabona? Uwo, insimburazina, ahubwo uwo uri mub'isi, kandi Uwo uri muri mwe; Uwo uri muri mwe aruta uwo uri mub'isi. )*

40 Noneho, igice cya 28 cya Matayo n'umurongo wa 20;

Mt 28:20

*Mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi."*

Noneho, umutwe w'ikibwiriza uvuye muri ibyo uyu mugoroba, ndashaka gukoresha ibyo nk'umutwe

w'ikibwiriza; "Uwo Uri Muri Mwe." Kandi kuri ibi niho nshaka kubakira kwizera, birumvikana, kubw'amateraniro y'amasengesho. Kandi… Turagira vuba.

41 Noneho, bimeze nkuko nababwiye, nkunda kubaha amakuru ku byabaye, kandi akenshi nkunda gutegereza kugeza nje hano ku rusengero kugira ngo mbivuge; kandi noneho niba abandi bakunda kubyumva, bashobora kubisanga ku makasete, ariko ni ugutegereza kugeza ndi hano. Kandi hari byibura, kuri iki kintu ngiye kubabwira aka kanya, hari abantu benshi babihamya, bene Data b'Abakristo. Umwe mu bari bahari ni Mwene Data Banks Wood. Undi mu bari bahari ni Mwene Data David Wood. Undi mu bari hano ni Mwene Data Evans n'umuhungu we, Ronald. Undi mu bari bahari ni umudiyakoni Mwene Data Wheeler. Kandi mu bari bahari ni Mwene Data Mann. Ese Mwene Data Mann uturuka New Albany yaba ahari, uwo mubwirizabutumwa w'Umumetodiste nabatije mu Izina rya Yesu Kritso vuba aha? Yari ari aho ubwo ibi byabaga.

42 Byabaye mu gihe runaka, mu myaka mike ishize, ubwo nari mfite umutwaro uremereye mu gituza… ariho mu mutima. Niyumvaga nkaho nshobora kuba narakoze ikintu kibi. Kandi nashakashatse mu mutima wanjye inshuro nyinshi ngo ndebe ikitagenda: "Mwami, niba hari ikintu kibi nakoze, noneho umpishurire icyo ari cyo, noneho nzagenda ngitunganye." Ariko nta kintu nahishuriwe. Nkibaza nti, "Ese naba narakomerekeje umuntu? Ese hari icyo ntatunganije? Ese nasomye bihagije? Ese nasenze bihagije?" Kandi nashoboraga gusoma no gusenga ndetse ngatekereza, "Ubimpishurire. Ese hari uwo naba nakomerekeje? Niba nabikoze, nzabitunganya. Ubinyereke? Niba narabikoze, nabitunganya. Ubinyereke; ntabwo nshaka uyu mutwaro." Kandi mu myaka itanu ishize kuva igihe naviriye mu ibwirizabutumwa rya kure, hari umutwaro wari ku mutima wanjye.

43 Nagiye mu misozi. Nagiye ku nyanja. Nagiye ahantu hose kandi ndasenga ndetse ndasenga nuko ndasenga, kandi ntabwo byatumye ugenda; kandi nigishije buri kintu, niba narakoze buri cyose. Ariko birakomeza, ntiwagenda; byari bimeze nkaho ndemerewe. Kandi ni ibintu bitangaje cyane ko ibi byamvuyeho ako kanya igihe ubu butumwa bwari bumaze gutambuka Murabona?, kubw'iki gitondo. Noneho, ese yari Imana ikibikomeje kubw'ibi? Ntabwo mbizi. Murabona, njye... Ibi bintu byose biri mu bitekerezo byanjye. Ushobora kwibaza ikiri mu mutima w'umuntu igihe agomba kwihanganira ibyo. Murabona? Gutekereza kukiri kuba, kandi kumenya ko kubibwira abantu, ukaba uziko bamwe bazahengamira ku ruhande rutarirwo, maze bamwe bakajye muri iyi nzira, n'iriya, kandi muzi uko bimeze; bamwe bazizera, kandi abandi ntabwo bazizera, Ariko ibyo nibyo ugomba kwihanganira.

44 Ni gute wabivuga udakomerekeje umuntu? Ni gute wabivuga, ngo bigire umumaro? Ni gute wabivuga ngo wereke abantu ko utabagendaho, ko ubakunda? Ni gute waba mu kuri no gushira amanga, kandi ukaguma mu rukundo… Oh, ni gute uza kubivuga? Kandi mbonye ishyano niba ntabivuze. Murabona? Kandi ngaho aho muri. Murabona? Ntabwo bitangaje kuba bigutera kugubwa nabi no kumva ucitsemo.

45 Narimo manuka nturuka… ndimo nzamuka nturuka Arizona ngo mpure n'itsinda rya bene Data hano, ngo tujyane guhiga muri Colorado buri mwaka. Noneho, abantu bamwe baribajije bati, "Kuki ujya guhiga? N'iki kibigutera?" Murabona, iyo ndi hano muba murimo kuzuzwa; njye birimo gushiramo. Naho hariya mba ndimo kuzuzwa kugira ngo mbashe kubona icyo nkuramo. Murabona? Noneho, ntabwo njya kurasa inyamaswa. Kuko, abantu, uwo ari we wese mu bo tujyana azi ko naciye ku nyamaswa nyinshi z'umuhigo kandi sinzikoreho na gato. Ntabwo mbikora

46 Noneho, hano ntabwo hashize igihe, natangiye kujya ndasa umuhigo kubw'Abakristo b'abacuruzi. Igihe bazaga maze bakavuga bati, "Billy, unshakire ikimasa, unshakire inka, unshakire impongo, unshakire iki, cyangwa kiriya, n'ikindi." Nuko nkagenda maze ngahiga hirya no hino. Umwami akamfasha nkazibona, maze ngacyura umuhigo, ndetse nzi kurasa cyane, nuko nkazihamya. Maze bakicara aho bagatangira kuvuga ibijyanye n'ubucuruzi bwabo.

Noneho Umwami arambwira ngo sinzongere gukora ibyo ukundi. Kandi numva nguwe nabi kuri byo, nuko ndamusezeranya ko ntazongera kubikora ukundi. Murazi, ndavuga nti, "biramutse bikenewe cyane kandi umuntu ayikeneye, nabikora. Ariko niba batabikeneye, ntabwo nzabikora." Kubera ko abo bantu, bafite amafaranga ahagije yo kugura inyama z'inka n'ibindi. Noneho kubera iki nakora ibyo ngibyo? Reka inyamaswa yibereho niba utagiye kuyikoresha.

47 Uko niko nkunda kuba njyenyine. Kandi umuntu wese wigeze ajyana nanjye guhiga, arabizi ko ntawe tujya dufatanya guhiga. Nsohoka ubwanjye njyenyine. Njyana nabo kugira ngo tugirane ubusabane nimugoroba, kandi duhagarare aho kandi dusenge n'ibindi, ariko hari abandi babwiriza aho. Bari bahari, aho mu misozi muri uyu mwaka, yari mwene Data Palmer. Ndibwira ko namubonye ahantu mu kanya... Nguyu hano aho yicaye, Mwene Data Palmer. Kandi Mwene Data Bob Lambert, yari hano muri iki gitondo; nahoze mwumva asakuza ahantu. Ndakeka akiri hano. Kandi noneho hari Mwene Data... abahungu babiri ba Martin; ndakeka bari hano, ese murahari bahungu ba Martin? Mwene Data.. Mwene Data Martin. Mwarampamagaye undi munsi, ibyo byari byiza; uwo muhungu yarakize, uwo mwene Data w'umubwiriza.

48 Ese uri hano, umwe nasengeye kuri telephone undi munsi? Nibagiwe izina rye yari aturutse epfo muri Arkansas aho. Umugore yarampagaye; umugabo yari yambyimbye mu rubavu, kandi afite umuriro

mwinshi, arembye. Uwo mugabo umwe wahamagaye, aho hepfo… kuri Little Rock... cyangwa mu materaniro ya Hot Springs, yari yicaye mu materaniro, kandi umugabo ugaragara neza. Niba ari hano, ndakeka ko atari buhaguruke ubu na gato. Ariko nibagiwe izina rye. Ntabwo nshobora kwibuka izina rye. Blair, Mwene Data Blair, umuntu runaka... Rero, noneho, yari yicaye mu materaniro kuri Little Rock... Ni bangahe bari bahari... Nako kuri Hot Springs. Ni bangahe bari mu materaniro? Kandi Umwuka Wera yahamagaye uwo mugabo muto maze aramubwira ngo Satani yarimo agerageza kumufata ngo ampakane, ngo avuge ko ndi umuhanuzi w'ibinyoma. Kandi uwo mugabo yarabihamije ko ari ukuri. Murabona ibyo Satani yarimo akora? Uwo mugabo ntabwo ajya ajya mu baganga. Ntabwo yizera mubyo kujya mu baganga. Ariko Satani yari abizi ko ubu burwayi buzamufata, kandi bukaba bwashobora kumwicira aho. Murabona? Noneho yarimo agerageza kumutera kumpaka. Maze Umwuka Wera, kubw'ubuntu, yaramuhamagaye maze amubwira ko adakwiriye gukora ibyo (umugabo yari umushyitse) Uramuhamagara umubuza gukora ibyo.

49 Maze murindi joro umugore we arampamagara nuko aravuga ati, "Mwene Data Branham, ndibwira ko arimo gupfa. Ahantu hose yambyimbaganye, n'umuriro… Yamaze nko guta ubwenge." Maze aravuga ati, "Ikintu cyanyuma yavuze ni ngo 'Hamaga Mwene Data Branham.'"

Ndavuga nti, "Ese hari ikintu ufite, haba hari mushwari mu ishakoshi yawe?"

"Oya." (Nari muri Tucson; yari muri Arkansas)

Maze ndavuga nti, "Nta kintu ufite?"

Aravuga ati, "Ndibwira, ari igitambaro."

Ndavuga nti, "Noneho, shyira ikiganza cyawe ku gitambaro. Kandi noneho, ufate telefone mu kundi kubona." Kandi ndasenga nuko nsaba Imana kugira imbabazi maze Ikirukana umwanzi. Nuko aragenda arambika icyo gitambaro ku mugabo; maze mu gitondo gikurikiyeho arampamagara. Murabona, murabona?

50 Noneho, nko mu masaha makumyabiri n'ane, cyangwa munsi yayo, mwene Data w'igiciro, ntabwo ndamubona muri uyu mugoroba, Mwene Data Roy Roberson… Kandi ako kanya, murazi, Mwene Data yari umusirikare. Niba ari hano ndibwira ko abyumva, kubera ko ntabwo ndimo kubigaya. Ariko buri kintu ntaca iruhande; yari sagenti mu gisirikare, murazi, hari igihe ugomba gutwara abantu nkuko babikora mu gisirikare. "Rero, ibi bintu by'umwuka ku wundi muntu wundi," atari we. Ariko Umwami yaramurinze. Yajyaga gupfa; bamurambitse hasi yapfuye umwanya munini. Umwami yaramukijije; ahera ubwo aramukurikira. Ariko ibi bintu by'umwuka, ntabwo yari abizi, n'amayerekwa

51 Kandi hano, ntabwo hashize igihe, benshi bazi iyerekwa nagize kuri Mwene Data Roy yewe na mbere y'uko nsohoka aho, kubwe ambona mpagaze aho kuri uwo musozi; kandi uwo Mucyo, n'Ijwi bituruka muri wo. Ibyo byose byakuye gushidikanya muri Mwene Data Roy.

Maze irindi joro yaratewe ari aho hantu kugeza ubwo yari arembye nuko agira umuriro mwinshi n'ibindi, maze abaganga bamuha imiti n'ibindi, maze noneho ntibyagira icyo bimumarira, ndetse agera n'ahantu kugeza ubwo adashobora kwinyeganyeza ubwe ukundi; amaguru ye n'ibindi byasaga n'ibibaye paralize.

Maze uwo mwene Data muto yararashwe cyane hamwe n'izo eclat zivuye kuri iyo mbunda ya 88, iyo 88 y'Abadage, kandi ni we gusa… Kandi ndatekereza ko itsinda ryose ryishwe uretse we, kandi aho nawe yari yabaye ubushwangi.

Kandi muzi icyabaye? Nabwiye uwo mugore we wo kubahwa, Mushiki wacu Roberson, kuri… Aravuga ati…. Njye… ndamubaza nti ese hari icyo ufite?

Aravuga ati, "Mfite igitambaro wigeze usengera rimwe."

"Genda ukizane." Kandi nari muri Tucson (maze arambika ikiganza cye kuri cyo), maze ndasenga, nuko ndacyaha, nuko ndavuga nti, "Mushiki wacu Roberson, bigiye kubura."

Hari ikintu cyari kibimbwiye aho kiti, "Bigiye kubura, bimubwire." Kandi nko mugihe cy'igice cy'isaha, umuriro wari wagiye; yari mu gikoni ahiga ibyo kurya. Murabona, murabona?

Ni iki ndimo ngerageza kuvuga, "Ntugatakaze ibyiringiro byawe." Ntukemere ko Satani akubwira ibibi kuri njye, 'kubera ko hari byinshi. Ariko ugumane ibyo byiringiro; kubera n'utabikora, ntabwo bizaba. Ntukandebe nk'umuntu; ndi umuntu; nuzuye amakosa. Ariko reba icyo ndikuvuga kubijyanye na We. Ni We; Ni We Gusa.'

52 Nkuko twari muri Colorado (murabona?), nkuko twari haruguru aho, dusubira inyuma, kandi hari humye cyane. Umuhigo wari ugoye kuwubona. Mwene Data Wheeler, Umwami yamuhaye umugisha maze amuha igikombe cy'intsinzi, kandi twari twishimiye ibyo, ni inshuro yambere yari agiye mu ishyamba guhiga. Kandi Umwami yamuhaye umugisha. Kandi noneho narashe umuhigo munini w'itsinzi nifuje kubona

mu myaka makumyabiri, nahoraga nywushaka, Mwene Data Banks na njye twari twarakurikiranye mu gihe kirekire. Kandi igihe nabikoze, ndimo ndasa imbunda yanjye aho hepfo mu gihugu gishyushye, nyizana aho haruguru hakonje, ibyo byatumye ububiko bwayo bumbyimba nubwo yari itwikirijwe ibirahure, bityo ahantu henshi igahusha. Maze irasa inyamaswa, yari ihagaze hagati mu biti, aho utashobora kuyihamya; biri hasi cyane y'ibyo umuntu yashobora gukora mu isegonda. Ariko irahamya ku rwego rwo hejuru, ... Irasimbuka ndetse nkaho ikozweho n'ibyo.

53 Kandi Billy yari kumwe nanjye, maze aravuga ati, "Ririya riyikozeho." Kandi nanjye niko natekereje; ariko igihe tugiye aho, ntayari ihari. Noneho aravuga, "Wahamije igiti." Ndeba haruguru no hepfo, nta kimenyetso cyari gihari ku biti. Maze njya kuyishaka. Kandi noneho, aho haza ikimenyetso cyo kutuburira. Ko hari abantu barenga ijana, aho haruguru. Kandi Mwene Data Palmer na abandi ni abahamya b'ibyo. Kandi Mwene Data Evans, uko ni ukuri, yari araho; Mwene Data Welch Evans n'umuhungu we Ronnie (ndibwira ko nabahamagaye mu gihe gishize.). Kandi abantu benshi bari bazamutse haruguru yacu, ibyo bita "ibigo by'inka" aho haruguru, aho abo batwara amafarasi babaga kandi bakayagenderaho, bakaba bafite inka bacaguye. Najyaga mba muri icyo kigo njyewe ubwanjye nkaragira ayo mashyo maze nkayashyira ukwayo.

54 Kandi noneho… Nuko aho ngaho hari nk'abantu bagera ku ijana. Ariko buri wese arabizi muri icyo gihugu, igihe havuzwe ko hagiye kuza igihe kibi cy'ubukonje burimo umuyaga, byari byiza ko duhita tuva aho ubwo. Iyo niyo mpamvu Mwene Data Palmer n'abandi bavuye aho vuba, kubera ko bari bafite imodoka ifite vitesse eshatu, kandi bagombaga guhita bava aho, kubera ko ikirere...Niba uraho, kandi ukaba ushobora kuhamara ibyumweru. Noneho baravuga bati, "Hagiye kuba guhinduka gukomeye kw'ikirere kuje," amakuru y'integuza, yari mu binyamakuru, ku maradiyo. Bikomeza bitambuka, mu bifatika buri kintu guturuka ruguru byarimo bihava. Byagombaga guhita bigenda, ako kanya, kubera bari bamenye ko bagomba kuva aho.

55 Ariko mwene Data yari afite ibyangombwa bibiri byo guhiga impara, kandi ntabwo bashakaga kugenda. Noneho ndavuga nti, "Ntacyo, turahaguma." Ariko narimfite amateraniro yagombaga kuba nko mu minsi itandatu iza, ndetse nagombaga gusubira Tucson.

Nuko umugore wanjye… Noneho, twari tumaze imyaka makumyabiri dusezeranye. Kandi hari ku isabukuru y'imyaka makumyabiri, igihe cyose nabaga ndiyo; noneho byaje guhurirana. Noneho mfite ahantu hato njya njya maze ngasenga, kandi hasaga n'aho namujyanye.

Murabizi, nakoze akantu gato, murazi, ntawo narimfite amafaranga ahagije yo kujyana guhiga no kujya mu kwezi kwa buki, nuko mfata umugore wanjye mujyana mu rugendo rwo guhiga kubwo ukwezi kwa buki. Noneho twari muri New York, kandi nibuka mufasha gusimbuka ingiga n'ibindi, kugira ngo tugere aho hantu. Kndi nari mfite ahantu hato ahongaho, igihe cyose mutekerezaho iyo ngeze aho ngaho kubw'isabukuru yacu. kuri 23 z'ukwa cumi aho niho isizoni yo guhiga itangira, kandi mu myaka makumyabiri ntabwo nari mu rugo, igihe cyose nabaga ndi aho haruguru.

56 Noneho uwo munsi wari isabukuru y'amavuko. Kandi Mwene Data Mann… Ndavuga nti, "Noneho, niba mwe bene Data…" Narimpagaze ku muriro muri icyo gitondo, nako uwo mugoroba, ndavuga nti "Niba mushaka kuguma aha, mwibuke ko dushobora kuguma hano ukwezi kose." Kubera ko nari nabonye urubura rugwa nka metero esheshatu n'igice ho gato, aho mu gicuku, nubwo washoboraga kujya hanze maze ugasanga aho humutse kandi hasa neza, ariko mu gitondo gikurikiyeho, urubura rwabaga rurerure, ahari rwasumba amahema yanyu. Nuko noneho ndavuga nti... Kandi noneho muzaguma hano kugeza ubwo ruzayenga. Kandi muri nko mu birometero 24 cyangwa mirongwitatu inyuma iyo mu ahadatuwe. Maze noneho ndavuga nti... Kandi haramutse habaye ubutabazi bakohereza kajugujugu maze ikababakurayo, ariko mu busanzwe, nta muntu ujya uzimirirayo, baba bagomba gutegereza aho.

57 Noneho abantu bose bahise batangira kunyanyagira nyuma yo kumva iryo tangazo, cyangwa ahari iteganyagihe, Noneho twongera kugaruka aho, maze ndavuga nti, "Noneho, mubitekerezeho neza. Niba mushaka kuguma aha, ndi hano kugira ngo dufatanye guhiga, kandi ndahamagara umugore wanjye maze 'mwifurize isabukuru nziza!'" Ariko ndavuga nti, "Noneho muri ibyo, nanjye... Turibuhahe ibyo kurya bimwe, kubera ko biribudusabe kuguma hano." Nta mugati twari dufite. Kandi sinashakaga kongera kubona izo keke za flapjacks zari zimaze iminsi, ubwo bwoko bwa keke ziribwa zishyushye. Narimaze iminsi nka makumyabiri n'umwe nzirya muri Canada, kandi numvaga narambiwe ibyo bintu nyakuri, nashakaga kugura umugati.

58 Nuko bavuga ko bashaka kuhaguma. Nuko nta kindi twari gukora uretse kuhaguma. Ariko Mwene Data Mann na njye turasohoka, kandi tumanuka hepfo aho, maze duhaha ibyo kurya. Nuko mpamagara umugore wanjye, kandi telefone ntiyayitaba. Ntihagira uwitaba; nuko ntegereza nk'isaha yose kugeza ubwo twarangije guhaha ibyo kurya, dusubirayo, turahamagara; ntiyitaba. Nuko biba ngombwa ko mpamagara Mushiki wacu Evans. Ndibwira ari Mushiki Wacu Evans uri hano. Yego, Mwene Data na Mushiki wacu Evans bari hano.

Nuko mpamagara mushiki wacu Evans kubwa Mwene Data Evans maze ndabimubwira; aravuga ati,

"Ndibuhamagare Mushiki wacu Branham maze mubwire nti, 'Isabukuru Nziza,' birumvikana, murabizi. Ariko yari yagiye guhahira abana ibyo bakeneye."

Maze noneho twongera kugaruka; maze mu gitondo gikurikiyeho, nta kintu cyari mu kirere uretse ibicu. Nta mvura yari yaguye icyo gihe cyose, kandi nyakuri hari humye. Kuburyo bagombye kongera igihe cya sizoni yo guhiga ho iminsi mike itarimo kubera uko kumuka.

59 Rero, nabwiye bene Data muri icyo gitondo nti, "Ubu, igitonyanga cyambere cy'imvura kigiye gutangira kugwa, ubwo ni urubura rwa mbere, no gutangira kuyenga, mwirukire mu mahema vuba vuba uko mushoboye, kubera ko mu minota nka cumi n'itanu ntabwo ushobora kongera kubona ikiganza cyawe imbere yawe. Murabona? Maze umuyaga urahuha kandi haba serwakira, kandi ntitaye ku buryo uzi neza igihugu, ugumye aho wajyaga gupfa. Kubera rimwe na rimwe haba ubwo udashobora no guhumeka, kubera uko gushonga igice k'urubura kuzamo guhuha, ushobora no gupfira aho." Maze ndavuga nti, "Igihe uko gushonga kugitangira usabwa kwirukira mu ihema; ntitaye aho waba uherereye."

60 Rero, ndavuga nti, "Muzamuke hano maze mwihishe muri iriya mikoki, maze ndibuzamuke hejuru nuko mpirike ibitare aho kumusozi n'ibindi, nkange amasha ari hejuru ku mpinga maze amanuke yiruka; maze mufate izo mushaka."

Nuko ntangira kuzamuka hejuru, maze nko mu gihe ngiye kugera hejuru aho twita intebe y'ifarashi, ahantu hato aho nkunda kunyura ngiye aho bita Quaker Knob, aho ku rugabano rw'imisozi, aho hejuru cyane. Kandi igihe nageze aha hantu twita intebe y'ifarashi, igicu cyari gitangiye kuba umukara cyane. Nta modoka yari isigaye, yari twe aho n'abo bashumba mu kigo. Nuko hatangira kumera nabi cyane, nuko... Mu minota mike hatangira kugwa imvura. Rero, mfata imbunda yanjye maze nyishyira imbere mu ikote, nirinda ko indorerwamo yayo ihumishwa n'igihu cyangwa ububiko bwayo bugatoha; ahari naciye ku idubu cyangwa ikindi kintu, irimo igaruka, nuko mfata izo ndororwamo gutya nuko nicara munsi y'igiti gato. Maze mfukama aho nuko ndasenga. Ndavuga nti, "Mwami, Imana, uri Yehova ukomeye, kandi ndagukunda."

61 Ni imyitozo ingana iki mfite. Nereka bene Data, Mwene Data Palmer n'abandi, ahantu h'ibizu, murazi… Nakibonye kiguruka urya munsi, murazi, kandi ubwo… Aho niho hantu ibyo byabereye mo aho. Icyo ni ikintu kijya n'uko niyumva mo aho. Nagize imyitozo myinshi ikomeye hamwe n'Umwami wanjye muri iyo misozi. Kuburyo utajya hariya ngo ntumubone; Ari ahantu hose.

Nuko noneho, mu gihe nari ndi aho, maze urubura rutangira kumanuka rushonga gato, kandi umuyaga urimo uhuha, nka gutyo. Maze ndavuga nti, "Rero, nzi inzira imanuka, ariko byaba byiza mpise mva hano aka kanya."

Nuko ndavuga nti, "Ibyo…ibyo" Ndeba hasi nta nubwo nashoboraga kureba ku butaka ukundi, ibyo bicu byari birimo bihuha kandi hari serwakira, ndetse n'urubura rumanuka nk'umuyaga. Kandi byari aho, Bya bihe bibi, ibyo byari byavuzwe mbere ko ibihe bibi bikomeye bigiye kuza.

62 Mwene Data Tom ari hano. Mwene Data Tom Simpson uvuye muri Canada, yumvishe iryo teganyagihe, maze bamugira inama yo kutajya muri icyo gice cy'igihugu, kubera ko iteganyagihe ryavuze ko. "Hazaba ibyo bihe bibi by'urubura rurimo umuyaga." Urihe, Mwene Data Tom? Ndatekereza ko.... Yego, ahagana hano. Ibyo bihe bibi byarimo biza. Buri muntu yari yabyiteguye.

63 Rero, nashyize imbunda yanjye inyuma y'ishati yanjye, nka gutya, iyo shati yanjye itukura, ntangira kumanuka umusozi. Kandi mu gihe ntangiye, ngenze nka metero maganinani uvuye aho kuri saddle; oh, mbega, ibyo bibura binini nka gutya, n'umuyaga urimo uhuha na serwakira. Ntabwo nari nkibona hasi na gato. Ntabwo nashoboraga kubona mu metero esheshatu imbere yanjye cyangwa icyenda, kandi nari nziko ngomba kumanuka muri ako kanya, ako kayira twita umugongo w'ifarasi, uwo muyoboro, narinzi aho ngomba kunyurura kugera ku kagezi, maze ngakurikira ako kagezi, kandi narinzi aho kujya igihe bimeze nabi.

64 Maze nuko ntangira kumanuka, maze ngenda nk'icya kabiri cy'inzira manuka aho hepfo, maze Ikintu kirambwira, neza muburyo bweruye nkuko muri kunyumva, "Hagarara maze usubire inyuma."

Rero, ndatekereza, "N'iki narimo ntekereza kuri byo? Ndibwira nti ahari n'ibitekerezo byanjye." Kandi sinashobora kongera gutera intambwe njya imbere.

David yari yateguriye sandwich icyo gitondo, kandi yatekerezaga kuntegurira ibikoresho kugira ngo nkorere papa we imwe, igihe kimwe, ukoresheje ibitunguru n'ubuki; ibyo nibyo gusa twari dufite. Nuko antegurira baloney, kandi ntabwo nzi ibyo bari bazingiyemo. Kandi nari nyifite mu ishati yanjye, maze itohera mu ishati yanjye, ndatekereza nti, "Ngiye guhagarara maze nrye iyi, kandi ahari biragenda neza noneho." Nuko nkuramo iyo sandwich, hafi nka sayine, maze ntangira kurya sandwich. Kandi mu gihe ndimo kurya sandwich, ndatekereza, "Noneho, ndaba meze neza." Ntangira gukomeza imbere, ariko Ikintu kiravuga kiti, "Subira inyuma aho uturutse."

65 "Subira inyuma muri kiriya kirere kimeze nabi, nko mu metero maganinani cyangwa zirenze aho misozi muri ibyo biti byijimye aho wowe..." Kandi sinashoboraga kureba kure harenze iriya piano… Ariko ntangiye gusaza, maze imyaka mirongwitatu n'itatu ndi Umukristo; kandi nziko uko byamera kose, uko byagaragara bisuzuguritse, ujye utekereza ku Mwami. Ukore icyo Umwami yavuze.

Maze ndahindukira nuko nsubira kuri saddle, ndimo ntekereza ku nzira yanjye yo gusubirayo, oh, kandi urubura rurimo rugenda rugwa bikomeye cyane, hagenda hijima cyane kurushaho. Maze nicara aho munsi, maze nambara ikote ryanjye nka gutya, cyangwa ishati yanjye hejuru y'izo ndorerwamo; ndicara. Ndatekereza nti, "Ni iki ndimo nkora hano? Kubera iki nkwiriye kugaruka hano?"

66 Maze ntegereza akanya gato. Maze ntangira kongera kuzamuka, mu buryo bwumvika kurusha uko nigeze nifuza kubyumva, ijwi rirambwira riti, "Ndi Umuremyi w'ijuru n'isi. Naremye umuyaga n'imvura."

Nkuramo ingofero yanjye; ndavuga nti, "Yehova Ukomeye, ese Uyu ni Wowe?"

Aravuga ati, "Ninjye Watumye umuyaga utuza hejuru y'inyanja. Ninjye Wateye imiraba gutuza. Naremye ijuru n'isi. Ese sinjye Wakubwiye ngo ubwire udukima maze tubeho? Ndi Imana."

Noneho, igihe ijwi rivuganye nawe, reba mu Byanditswe. Niba atari Ibyanditswe, ntubyiteho; ntabwo nitaye kuburyo byumvikana neza; uzajye kure yabyo.

Ndavuga nti, "Yego, Mwami."

Aravuga ati, "Vugana n'iyo miyaga ndetse n'icyo kirere kibi, kand birahita bigenda." Noneho, iyi Bibiliya irambitse hano imbere yanjye, muri yo niho ubuzima bwanjye buri.

Ndahaguruka; ndavuga nti, "Ntabwo nshidikanya ijwi Ryawe, Mwami." Ndavuga nti, "Bicu, rubura, mvura, kuyenga k'urubura, nanze kuza kwanyu. Mu izina rya Yesu Kristo, mujye mu mwanya wanyu. Ndavuze ngo izuba rihite riza aka kanya kandi rirase iminsi ine kugeza ubwo urugendo rwacu rwo guhiga rurangiye maze ngumane na bene Data."

67 Byari bica ibintu, birimo bivuga nka gutya, "Whooosssh," bimeze nka gutyo. Maze bitangira kuvuga nka gutya, "Whoosh"; maze noneho bihita bigenda "whew, whew, whew, whew." Birahagarara… Mpagararaho ntuje. Bene data bari aho haruguru, barimo bibaza ibibaye. Maze kugwa k'urubura n'imvura birahagarara. Aho haza umuyaga uhuha umanuka aho mu misozi, ukuraho ibicu, maze bimwe bigenda gutya; mu burasirazuba, amajyaruguru, uburengerazuba, n'amajyepfo. Kandi mu minota mike, izuba ryari rirashe neza kandi hasusurutse. Uko ni ukuri. Imana irabizi ko uko ari ukuri. Nahagaze aho, ndimo ndeba hamwe n'ingofero yanjye mu ntoki, ndimo ndeba.

Mwavuga muti… Nahindutse nk'utari kwiyumva aho hose. Ndatekereza nti, "Iyo Mana imwe Yaremye, Ifite byose mu kiganza Cyayo. Irimo Kumbwira iki?"

Maze nterura imbunda yanjye, mpanagura uturahuri twanjye nsubira inyuma, manuka umusozi. Maze Ikintu kivugana nanjye, "Kubera iki utatemberana nanjye muri iri shyamba, wagendana na Njye?"

Ndavuga nti, "Yego, Mwami, hamwe n'umutima wanjye wose, icyo nicyo kintu gikomeye kuruta ibindi nashobora gukora ni ukugendana na We." Maze nshyira imbunda yanjye ku rutugu, maze ntangira kumanuka muri ibyo (ntabwo ishoka yari yabigeramo, byari bikiri uko byaremwe), tugendanamo aho.

68 Kandi nkuko nabikoze, ngenda nerekera, hepfo aherekera mu bice byo guhigiramo, numvishe ari nkaho, "Nizeye ko ndi buzamuke nkajya aho hantu… Ejo hashize haho hari isabukuru yacu, kandi nashakaga guhagarara aho iminota mike, nko guha icyubahiro gato Meda, aho hantu hari ikirundo cy'ibyo biti quaking aspen [ubwoko bw'ibiti—kiny.Ed]kuriako gasozi gato." Maze ndavuga nti, "Ndizera ko ndibuzamuke aho haruguru, mu rwego rwo kubaha isabukuru yacu. Noneho ndaza kumanuka hano kuri uru ruhande rundi muri ibyo biti byijimye, maze mpagendagende, maze nkomeza... Nerekera Corral Peaks, maze nze kugarukana hepfo muri iyo nzira."

Ndimo ngenda kandi nezerewe, narimo mvuga nti, "Data, ndabizi ko Urimo kugendana nanjye, kandi mbega amahirwe. Nta muntu ukomeye ndashobora kugendana nawe; Imana ubwayo." Kandi aho harimo hari hasusurutse kubera izuba rirashe…

69 Yewe n'igihe navuye mu misozi, nahagaze kuri station ya essance, maze ndavuga nti, "Mbega umunsi mwiza," iminsi itatu nyuma. Nta mvura yaguye muri icyo gice cy'igihugu kugeza ku munsi wa kane urangiye. Izuba ryavaga buri munsi. Ese niko bene Data? Murabona? Nta n'igicu cyari mu kirere...

Maze nza aho kuri station ya essance; ndavuga nti, "Ni ukuri uyu ni umunsi mwiza."

"Yego, nibyo."

Ndavuga nti, "Harakeye cyane?"

Aravuga ati, "N'iki ntu kidasanzwe," uyu uhakora aravuga ati… Aravuga ati, "Urazi, bari batubwiye ko tugiye kugira ibihe bibi by'urubura n'umuyaga bikomeye, ariko mu kanya nk'ako guhumbya birahagarara."

70 Naramanutse, aho ku mupaka wa New Mexico. Billy na njye, umuhungu wanjye, twagiye aho muri ako gace kujya gushaka bimwe… Igitondo twahavuye, maze ndavuga nti, "Ni ukuri uyu ni umunsi mwiza."

"Yego, nibyo."

Ndavuga nti, "Birasa nkaho hakeye cyane."

"Yego, niko biri."

Ndavuga nti, "Ese uri uw'inaha?"

Aravuga ati, "Oya, nturuka Wisconsin," cyangwa ahandi hantu. Aravuga ati, "Maze hafi imyaka makumyabiri, noneho ndakeka ko wahita mu rugo."

Ndavuga nti, "Uri umuturage wavukiye mu gihugu, ndakeka." Nuko ndavuga nti, "Yego, mugabo" ndavuga nti, "birasa nkaho hari umukungugu mwinshi."

Aravuga ati, "Urazi, ikintu kidasanzwe cyabaye." Aravuga ati, "Twari dufite iteganyagihe rivuga ko tugiye kugira igihe kibi cy'urubura n'umuyaga, huzuyemo urubura rwinshi; maze biratangira maze noneho biragenda."

Ndavuga nti, "Ntibyumvikana."

Maze nza mu rugo. Kandi Mwene Data Tom yavuze ko yari yabwiwe ko atagomba gufata iriya nzira, igihe kibi cyari hafi. Maze anyura aho mu gihugu ntiyabona n'agatonyaga k'imvura cyangwa ikindi. Iracyari Imana (Murabona?), bimeze nkuko Yahoze igihe cyose kuri njye.

71 Ndimo nzamuka, narimo nerekera aho… Noneho, iki gice, ndibwira ko umugore wanjye atazabona iyi kasete. Murabona? Ariko Ngiye kubabwira ikintu. Kandi noneho,… ndababwira ukuri. Murabona, kandi ubwo nibwo buryo gusa bwo kubikora. Nagiye nibaza impamvu ativovose ku kuba naragiye muri izi ngendo ku isabukuru yacu. Muzi icyo nakoze mu bitekerezo byanjye? Naravuze nti, "Hari abantu benshi ahantu hose mu rugo. Kandi muzi uburyo mera igihe cyose, umuntu ukunda kurakara, n'ibyo nkunda kuvuga, icyo mba nshaka kuvugaho n'Imana, Bibiliya, cyangwa ikindi. Ahari yatekereje ko ari akanya gato ko kuruhuka kuri we. Akunda iyo ngiye ho iminsi mike maze nkajya guhiga." Njye, narimo ntekereza gato kuri ibyo, mu gihe nagendaga aho.

72 Noneho, aha musaba imbabazi, kandi nsaba Imana ngo imbabarire kubw'icyo gitekerezo, "Kubera ko nari ngiye kure." Ndatekereza nti, "Rero, aratekereza ko… rero, mbega, ni umukozi, murazi, kandi igihe cyose aba ari hanze mu gikoni cyangwa ahandi hantu..."

Kandi buri wese muri mwe aramuzi, ya mashini imesa ihara igihe cyose irimo gukora. Ndasohoka, nkamukurura… Nkavuga nti, "Wimesa gutyo. Vugana nanjye (Murabona?) ndagukunda. Ndashaka ngo ugire icyo umbwira; mbwira ko nawe unkunda. "

Akavuga ati, "Rero, urabizi ko ngukunda," Hanyuma ako kanya agahita akomeza kumesa n'imbaraga mu buryo ashoboye…

"Ntabwo nshaka ko ukora ibyo; ndashaka ko uza hano maze ukicarana nanjye."

"O Bill,mfite imirimo myinshi yo gukora."

Maze ngatekereza nti, "Rero, murabona, kuzamuka hano, abona igihe cyo gukora imirimo ye." Ngenda aho ndimo gutekereza ibyo.

Noneho, mwibuke, mfite iyi Bibiliya hano kugira ngo mubone ko ndi imbere y'Ijambo.

Nkuko narimo ngendagenda aho, ikintu kimbaho. Ubwo nari ntagiye,

73 Icyambere narimo ntekereza igihe ku bijyanye n'igihe namujyanye mu kwezi kwa buki aho haruguru, yarakeye, ari muto, yirabura, afite amaso ajya gutukura, kandi nagendaga muterura asimbuka ibyo bigiga, murazi, na buri kintu, kandi ngerageza kumujyana aha hantu aho nshobora kwica idubu. Kandi nashakaga kumwereka, murazi, n'aho nkura izi dubu. Kandi yari yambaye bote zanjye za gishumba. Kandi aho hari nko mu myaka makumyabiri n'ibiri ishize, cyangwa imyaka makumyabiri n'umwe mbere y'ibyo, imyaka makumyabiri n'ibiri, ndibwira ariho byari biri. Twashyingiranwe mu 1941. Kandi naramuteruraga, murazi, nkamwambutsa izi ngiga.

Maze ntatekereza, "Noneho, uyu muntu muto gutya, wanyihanganiye, noneho akaba atangiye guhinduka imvi." Maze ndatekereza nti, "Rero..." Ndagenda… [Mwene Data Branham agoroye umuhogo—Ed.] Kandi narimaze iminsi mike ntiyogoshesha, maze nanjye mbona ko maze kuzana imvi. Maze mbona

ubwanwa bwanjye bugera aha, harimo imvi, maze ndatekereza nti, "Umuntu ushaje, urihafi yo kurangira vuba aha. Murabona, icyo waba ugiye gukora cyose, byaba byiza ugize vuba. Urimo gusaza." Murabona?

74 Kandi ni uko, mu gihe nagendaga nka gutyo, habaho ikintu. Nko mu kanya gato, muri buri shusho, ni uko bigenda, nari umuhungu muto; ntekereza nk'umuhungu muto. Nari nubitse umutwe, maze ndeba hejuru kandi byari neza neza nkuko namubonye, aho yari ahagaze imbere yanjye arambuye amaboko. Maze ndahagarara, nibyiringira mu maso; ndareba. Ndavuga nti, "Meda, ese uyu ni wowe, mukundwa?"

Ndeba hano; ndatekereza, "Ni iki kirimo kuba?" Maze ndatekereza nti, "Yego, ndimo kugendana na We." Maze birahinduka, ngaruka kuba umuntu ushaje nanone; maze iyerekwa riva imbere yanjye.

Maze ndahagarara; nkuramo ingofero nanone, nyishyira ku mutima wanjye. Ndavuga nti, "Yesu, umutima wanjye umaze igihe uremerewe. Singombwa ko nkubwira ko ndemerewe. Narihannye; Narihannye; nakoze ibyo nzi byose. None kubera iki uyu mutwaro utamvaho?"

75 Maze ntangira kugendamo aho. Maze ubwo nazamukaga ako gasozi, ahantu hangana nko muri metero mirongwitatu cyangwa mirongwine imbere yanjye, ntangiye kuzamuka aka gasozi, ntangira kumva naniwe. Kandi aho hari quaking aspen[Ubwoko bw'igiti—Kiny.Ed] ifite nka metero makumyabiri n'eshanu z'umurambararo, zizamutse nkaho zikoze inyuguti ya "L," maze noneho ndongera ndazamuka. Maze ngeze aho, numva ndananiwe ntangira kudandabirana. Nuko... Ndongera nambara iyo ngofero yanjye nanone. Maze ndambika umutwe wanjye kuri byo; byasaga n'ibireshya najye kuburyo narambika umutwe wanjye kuri icyo giti gito cya quaking aspen, ni igiti kizwi; gisa nka birch. Murabona? Kandi nari negamiyeho aho. Kandi mpagaze aho umutwe wubitse, iryo zuba rishyushe ririmo rinkubita mu mugongo, maze ndatekereza nti, "Iyo Mana imwe yatumye imvura n'uwo muyaga bigenda..."

Maze numva ikintu kirimo kugenda, "ta, ta, ta."

Ndatekereza nti, "Ibyo ni ibiki? Amazi arakama. Izuba rirahinguka. Ibyo bitonyanga n'iby'iki?" Ndeba hasi; yari amazi arimo aturuka mu maso yanjye, arimo anyura muri ubwo bwanwa burimo imvi maze akagwa kuri ibyo bibabi byumye ibyo Imana yumishije, birambitse imbere ye. Maze mpagarara aho nka gutya, negamiye igiti. Kandi ibiganza byanjye... iki kiganza hazi, umutwe wanjye wegamiye igiti, ikiganza kiri ku mukandara w'imbunda, nka gutya, mpagaze aho, ndimo ndira.

76 Ndavuga nti, "Mana, ntabwo nkwiriye kuba umukozi wawe." Ndavuga nti, "Mbabarira; nakoze… Nakoze amakosa menshi. Ntabwo nashakaga gukora amakosa, Mwami. Wambereye mwiza."

Amaso yanjye yarafunze; maze numva ikintu kigenda, "stomp, stomp, stomp, stomp." Ndambura amaso, kandi imbere yanjye hari hahagaze amasha atatu. Maze ndatekereza, "Hari Mwene Data Evans umwe, Mwene Data Woods, kandi hari amasha atatu. (Murabona?) Kandi nicyo narimo nshaka, maze ntangira kuzipima. Ndambuye ukuboko ngo mfate imbunda, kandi "kuko ntakora ibyo. Nasezeranyije Imana ko ntazakora ibyo. (Murabona?) Nayisezeranije ko ntazabikora."

Maze ikintu kivugana nanjye, "Ariko ngayo."

Maze ndatekereza, "Yeah, icyo nicyo umuntu yabwiye Dawidi, igihe kimwe, 'Imana yamuguhaye.'(Ndavuga nti...) 'mu biganza byawe.'" Urazi, umwami Sawuli.

Maze Yowabu avugana nawe, aravuga ati, "Mwice. Ngaho aharyamye."

Aravuga ati, "Imana ibindinde ko nakora ku musigwa wayo."

77 Kandi ayo masha ahagarara aho maze arandeba. Nuko ndatekereza nti, "Ntabwo zahunga. Nta nzira zifite yo guhungiramo. Ntabwo ziri muri yadi 30 [27,43 metre -Kiny.Ed] kandi nari mfite imbunda. Mpagaze nkaha, kandi hari hari amasha atatu. Oh, ntabwo nabikora, Ntabwo nashobora kubikora." Yari Isha irikumwe n'ibyana byayo. Nuko sinashobora gufata imbunda. Ndavuga nti, "Sinabishobora." Ntabwo nanyeganyeze. Nagumye aho. Ndavuga nti, "Ntabwo nabikora, kubera ko nasezeranije Imana ko ntazabikora. Nubwo abo bene data, bo... Ntabwo bayakeneye. (Murabona?) Noneho ubu, sinakora ibyo. Ntabwo nabikora. "

78 Kandi iyo sha iraza, iratambuka… Noneho, mwumve, hari abagabo amajana barimo bazirasa aho nk'iminsi ine cyangwa itanu. Ese ntizigira ibyo zitinya? Icyambere Ikimenyetso gitukura (kandi nari mfite ishati itukura, ingofero itukura), ikimenyetso cya mbere, zaragiye; ariko bari bahagaze aho, bose uko ari batatu, zirimo zindeba.

Naravuze nti, "Mubyeyi, fata abana bawe maze wigendere mu biti. Uri mu biganza byanjye. Ubuzima Bwawe buri mu biganza byanjye; ntacyo nagutwara. Nasezeranije Imana ko ntazabikora." Murabona? Maze yegera hafi. Irandeba. Zose zegara hafi, kugeza ubwo zageze hafi ku buryo zari hafi kuba zarira mu biganza byanjye. Maze umuyaga urahuha kuri zo. Nuko zirahindukira, zisubira inyuma gato, zose uko ari eshatu.

Maze hano zongera kugaruka, ziza zinsanga. Sinanyeganyega, nguma mpagaze aho. Ndavuga nti, "Mugende mu ishyamba; nanjye ndarikunda. Mubeho. (Murabona ?) Ubuzima bwanyu buri mu kiganza cyanjye, ariko ndabaretse. Ntimwari bubashe guhunga; murabizi ko mutabishobora." Nashoboraga kuzica zose uko ari eshatu... nko mu isogonda, amasegonda atatu uko biri kose, mu buryo bubangutse bwo kurasa; kandi ntizaribubashe guhunga, zihagaze aho hafi. Murabona? Ndavuga nti, "Ndabaretse. Mwigendere; mwibereho." Mpagaze aho. Zirigendera, zijya mu ishyamba.

79 Nihanagura mu maso nka gutya, maze hanyuma habaho ikintu. Ijwi rivuga mu buryo bweruye, aho muri icyo kirere cy'ubururu, kidafite ibicu. Byose byabaye nko… nko mu kanya gato cyane. Nuko Ijwi rivuga cyane, kandi riti, "Uribuka isezerano ryawe, ese sibyo?"

Ndavuga nti, "Yego, Mwami."

Aravuga ati, "Nanjye Nzibuka Iryanjye. Ntabwo Nzigera Nkureka nta nubwo Nzaguhana." Umutwaro uva ku mutima wanjye. Ntiwongera kuba aho guhera ubwo. Reka ntuzongere kuhaba ukundi.

Hanyuma nza Tucson. Ikintu kidasanzwe, ni uko nta bintu bidasanzwe byinshi byabaye kuva nagera aho hepfo. Nibwira ko ari Imana yarimo ibihagarika kubw'iriya saha. Nizera ko igihe ubu kigeze ubwo ikintu kigomba kubaho.

80 Iyo dushobora kwakira uku kuri. Ubu, mu kanya gato. Iyo dushobora kumenya icyo iki Cyanditswe gisobanura, "Uri muri mwe aruta uri mu b'isi." Ntabwo twashobora gusobanukirwa ibyo, nyamara tuvuga ko tubyizeye. Kandi tuziko ari ukuri, ariko nyamara ntabwo tubisobanukiwe. "Ukomeye cyane ni Uri muri mwe, kurusha uri mu b'isi." N'iki kiri muri mwe gikomeye cyane? Ni Kristo, Umusigwa; Imana yari muri Kristo iri muri mwe. "Uri muri mwe arakomeye cyane, kuruta uri mu b'isi."

Noneho niba Ari muri wowe, ntabwo akiri wowe uriho; ni We uba muri wowe. Murabona? Ntabwo ari ibitekerezo byawe n'icyo ushobora gutekereza kuri ibi; ahubwo ni icyo Yavuze kubijyanye n'ibi. Murabona? Noneho niba Ari muri wowe, bidakuka ntashobora Guhakana icyo Yavuze. Ntabwo yabikora. Ahubwo Azarinda icyo yavuze, kandi Arashaka umuntu Ashobora Kwigaragarizamo Ubu.

81 Noneho, ibyo ntabwo bisobanuye ko Agomba kubikora kuri buri muntu wese. Mu gihe Mose yarayoboye abana b'Isiraheli, hari umwe: uwo yari Mose. Abandi bose bakurikiraga ubutumwa. Murabona? Bamwe muri bo bagerageje guhaguruka ngo babyigane. Maze Imana iravuga iti, "Itandukanye nabo," maze baramirwa. Murabona, murabona?

82 Noneho… Ariko Uwo uri muri mwe Aruta cyane uwo uri mu b'isi. Imana muri mwe, nkuko yari iri muri Yesu Kristo, kubera ko icyo Imana yari Cyo cyose, Yagisutse muri Kristo; kandi icyo Kristo yari Cyo cyose. Agisuka mu Itorero. Murabona? Iyo ni Imana muri mwe. "Uwo uri muri mwe..."

Ntibitangaje ko imiyaga n'imiraba bimwubaha, byubaha Amagambo Ye, byubaha Amagambo Ye, kubera ko ryari Ijambo ry'Imana rinyuze muri We. Yari umuntu, ariko Yari Ijambo ryambaye umubiri. Murabona? Kandi igihe Avuze, yabaga ari Imana iri kuvugira mu minwa y'umuntu. Murabona? Ntibitangaje ko imiyaga n'imiraba... Uwo Muremyi umwe uwo waremye imiyaga n'imiraba yari muri We. Noneho, mubitekerezeho. Mubitekerezeho cyane, mbere y'uko ngera kuri uyu mwanya wo gufunga. Ntibitangaje ko amadayimoni aba paralize imbere y'Ijambo. Yari Imana iri muri We. Yari Imana muri Kristo. Amadayimoni yari paralize. Ntibitangaje ko abapfuye, abo babaga batangiye kuba imikungugu, batagumaga kuryama aho ku Ijambo Rye, kubera ko yari Ijambo. Yabwiye Lazaro, nyuma y'uko apfuye kandi anuka iminsi ine (Isura ye, izuru, byari byamaze kubora, muri icyo gihe.), "Lazaro, sohoka." Maze umuntu, wapfuye, ahaguruka ku birenge bye. Kubera iki? Yari Imana. Uwo wari muri Kristo yari Imana. Abapfuye ntabwo bashoboraga guhagarara Imbere Ye. Yari Imana iri muri Kristo.

83 Umuyaga… Noneho, mwibuke, Imana yaremye imiyaga; ni umwuka. Imana yaremye imiraba; ni amazi. Ariko igihe Satani yabyinjiyemo, abyinjiramo kugira ngo azane gusenyuka. Imana yaremye abantu kugira babe abana b'Imana, ariko igihe Satani yabinjiyemo (Murabona?), ni ibibazo. Noneho, uwo yari Satani winjiye mu muyaga maze agateza ibiza. Ese Umuremyi waremye umuyaga ntiyashoboraga kuvuga ati, "Subira, aho nakuremeye"? Ese si wa Muremyi umwe wari uhagaze kuri uwo musozi wo muri Colorado undi munsi? Murabona? Ese si Wawundi Umwe washoboraga gufata igice cy'ifi maze Akakimanyura, maze ikindi gice kigahita gikura? Nyakuri mu bisanzwe ntibyari ngombwa ko akora ibyo. Yaravugaga gusa. Ese si wa Muremyi umwe waremye udukima? Noneho Uwo wari muri Kristo ari muri twe. Murabona? Kubera ko ikora imirimo imwe n'iyo Yakoze, ikintu kimwe. Abapfuye ntibashoboraga guhagarara Imbere Ye ku Ijambo Rye.

84 Reba, dufite ubuhamya bw'ukuri butanu bw'abantu bapfuye, maze Umwami azana iyerekwa, ndetse ajya kuri bo nuko arabazura. Hano hari umwe uhicaye aka kanya, uwo wari wapfiriye aho yari yicaye aho. Kandi nguyu hano ari muzima. Noneho, yafashwe n'indwara y'umutima. Hariya hari umugore we, umuganga. Turamanuka; kandi buri kintu cyari cyarangiye, amaso yari yahagaze kandi atagikora. Nguyu hano ari muzima. Murabona? Kubera ko ukomeye ari Uwo uri hano, muri twe, kuruta uwo uri mu b'isi. Murabona?

85 Ukomeye ni We. Ni Imana Umuremyi. Imiyaga n'imiraba bigomba kumwumvira. Abadayimoni bahinduka paralize. Ibyaremwe byose biramwubaha, kubera ko yari Umuremyi w'ibyaremwe. Oh, igihe dutekereza ibyo, hari icyo bikoraho. Noneho tukumva ibi bintu. Murabona? N'ibiki? Ntabwo ari umuntu. Umuntu ntabwo yakora ibyo; umuntu n'igice cy'ibyaremwe. Murabona? Ahubwo n'imiyaga n'imiraba nibyo byubaha Umuremyi. Murabona? Kandi bisaba Umuremyi kugira ngo ubikore, "Kubera ko Uri muri mwe aruta uri mu b'isi." Ushobora gutera imidugararo, uwo ni we uri mu b'isi. Uri muri mwe ni Umuremyi waremye umuyaga; Ashobora gucyaha Satani uri mu miyaga, maze hakabaho gutuza. Ashobora gucyaha Satani akava mu ishuheri, maze ntihongere kuba ishuheri. Ni Umuremyi; "kandi ukomeye ni Uwo uri muri mwe, aruta uri mu b'isi."

86 Murabona, Satani ni isi. Isi yarayihawe. Yari ye iminsi yose. "Ni kuki uguye, O Luciferi, mwana w'igitondo?" Murabona, iyi si yarayihawe. Ibyo ni igihe bamutaga hanze y'ijuru, arongera aragaruka. Murabona?

Ni we wabwiye Kristo, "Ubu bwami n'ubwanjye; nzabukoresha icyo nshatse." Bwari ubwe, kandi uwo ni we uri mu b'isi.

Yohana yabwiye abigishwa be, "Mwumvise iby'antikristo ugomba kuza, kandi yamaze kugera hano arimo gukorera mu bana batumvira; ariko bana bato, ntabwo muri ab'iy'isi. Muri ab'Imana; kandi ukomeye n'Uwo uri muri mwe, Aruta uri mu b'isi." Uwo ni Kristo muri mwe.

87 Uwo waremye ijuru n'isi, yerekanywe mu Muntu Yesu Kristo; Imana muri Kristo, Yiyunga Ubwayo n'isi. Ibyo ni ukuvuga… Uravuga uti, "Ese ubwo ntiyari Umwana w'Imana, Mwene Data Branham." Nta kibazo, reka turebe niba atari We Mana ishoborabyose y'iteka.

Ukomeye yari Uwo wari muri Yosuwa kuruta izuba. Kandi Yosuwa yari umuntu, umuntu wavukiye mu byaha nkawe na njye. Kandi ukomeye yari Uwo wari muri Yosuwa kuruta izuba ryatwarwaga n'amategeko y'Imana. Imana yategetse izuba kurasa kandi rigakomeza rikazunguruka kuriryo ubwaryo, maze rikayoborwa ndetse rikagenzurwa n'amategeko y'Imana. Ariko ukomeye yari Uwo uri muri Yosuwa kuruta amategeko y'Imana uko yari ari; kubera ko Umuremyi Ubwe yari muri Yosuwa igihe Yosuwa yarebye hejuru ku izuba maze akavuga ati, "Uhagarare aho uri. nawe kwezi, uhagarare aho uri kugeza ndangije uru rugamba." Maze izuba n'ukwezi biramwumvira, kubera ko Uwo wari muri Yosuwa yarutaga izuba n'ukwezi; Uwo wari muri Yosuwa.

88 Uwo wari Mose yari akomeye kuruta Egiputa. Egiputa zari ingabo zikomeye mu isi; bari baranesheje isi muri kiriya gihe. Ariko ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta uko Egiputa yari iri, kubera Mose yatsinze Egiputa. Ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta n'ibyarebwe ubwabyo. Ese mwigeze mutekereza ko Imana yafashe Ijambo Ryayo maze ikariha Mose, nuko ikavuga iti, "Genda maze utegeke ririya zuba rireke kurasa." Kandi izuba ryari ryijimye cyane. Ese uko si ukuri? Ishobora gutuma izuba rirasa ndetse n'ibicu bikagenda, cyangwa Igatuma izuba riba umukara. Ni Imana; Ishobora gukora icyo ishatse, kandi Yo ni umwana. Amena. N'ibyo.

89 Nta mbaragasa zagaragaraga. Bishobora kuba byari mu gihe cy'itumba; nta mbaragasa zibaho, ariko Imana ibwira Mose, "Genda, uvuge Ijambo Ryanjye. Noneho, ndashyira mu bitekerezo byawe icyo kuvuga. Kandi ujye aho maze ufate ibitaka byo hasi, maze ubinage hejuru, umukungugu, maze uvuge uti, 'Reka aha habe imbaragasa.'" Maze imbaragasa zarimo zijagata, ahari nka centimetero nyinshi uvuye ku butaka mu masaha make. Ese ibyo ni ukuri? Umuremyi...

Nta gikeri cyariho, nuko arambura inkoni ye, maze aravuga ati, "Reka habeho ibikeri." Kandi byari aho hose, birundanyije, kugeza ubwo igihugu cyose cyarimo kinuka. Ese ibyo ni ukuri?

90 Igihe yaje ku Nyanja Itukura kandi yari mu nzira ye, Imana iravuga iti, "Bwira inyanja." Maze Mose abwira inyanja; kandi ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta uko inyanja yari imeze ubwayo. Ese ibyo ni ukuri? Oh mbega. Noneho, murabona, ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta uwo wari mu isi. Ukomeye yari uwo wari muri Mose kuruta ikindi kiremwa cyose cyaba kiri mu isi. Yategetse ibyaremwe... Icyo Imana yamubwiye cyose kuvuga, yarakivuze, kandi uko niko byari biri.

Iyo Mana imwe iri kumwe natwe uyu mugoroba, atari kumwe natwe gusa, ahubwo muri twe. Birahamirijwe ko iri muri twe. "Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu b'isi." Ni kuki twatinya ab'isi?

91 Hano muminsi ishize babonye… ubwoko bw'iryinyo rya dinesoro haruguru hano… Ndakeka ko mwese mwumvishe ibijyanye nabyo, haruguru hano aho kuri Nigara Falls. Baravuga bati, "Ryapima ibiro bibiri n'amagarama magarindwi." Natekereje ko bari bagiye kuvuga ko ari iry'umuntu, ariko... Ndatekereza ko baje kwemeza ko ari ubwoko bw'inyamaswa za kera cyane. Izo nyamaswa ahari zabayeho igihe kimwe ku isi. None ubu zirihe? Murazi, Imana yashobora gutegeka ko dinesoro ziza ku isi; mu isaha ikurikiyeho, zashobora kuba zuzuye aha kugera ku bujya kuzimu bw'ibirometero mirongwitandatu na bine. Murazi, Imana ishobora gusenya iyi si ikoresheje imbaragasa? Ishobora guhamagara imbaragasa. Ese zijya he iyo

zipfuye? Ese n'iki kiba kuri utwo dusimba tuba tuguruka mu mazu? Ese ni iki kiba ku bihore? Itumba riraza maze ubukonje bukajya munsi ya zeru; maze hakazagaruka ikindi gihe cyiza, ibihore bikuzura ahantu hose. Ese biba byaturutse he? Aba ari Imana yabibwiye ngo bibeho. Ni Imana. Ibyaremwe byubaha Ijambo Ryayo.

92 Aho niho benshi muri bene Data batungurwa, bagira ikintu cyo kwibwira ko Imana yavuze ngo kora ikintu runaka, maze bakavuga bati UKU NIKO UWITEKA AVUZE mu gihe ataribyo. Iyo niyo mpamvu bitababaho. Ariko igihe ari Imana ibikubwiye nyakuri, bigomba kubaho; bigomba kuba muri ubwo buryo. Igihe Imana ibivuze, bigomba kuba muri ubwo buryo.

Ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta uwo wari muri Egiputa. Ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta ikintu cyose Farawo yashoboraga gukora (iyo mitongero yose). Ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta uwo wari muri abo bakonikoni. Murabona? Ukomeye yari Uwo wari muri Mose kuruta Ibyaremwe.

93 Ukomeye… Uwo wari muri Daniyeli, Yarakomeye kuruta intare. Yashoboraga guhagarika intare zishonje. Kuko iyo ikintu kibasha guhagarika ikindi biba bivuze ko kiruta icyo gihagaritse. Nuko intare ziza ziruka, zishonje, ngo zirye Daniyeli; nyamara ukomeye yari Uwo wari muri Daniyeli kuruta uwo wari mu ntare.

Noneho, igihe intare yaremwaga bwa mbere, yari inshuti y'umuntu. Ni Satani uyitera gukora ibyo. Uko ni ukuri. Mu ngoma y'imyaka igihumbi, ikirura n'umwana w'intama bazasangirira hamwe, kandi intare izarisha ubwatsi kimwe n'ikimasa kandi izaryama hamwe n'ikimasa. Ntabwo bizagiririrana nabi cyangwa ngo byicane mu ngoma y'imyaka igihumbi. Satani azaba yagiye. Ni Satani utera inyamaswa z'ishyamba gutanyagurana, no gucagagurana no kuryana, n'ibintu nk'ibyo, uburyo babikora. Ni Satani ukora ibyo. Ariko ukomeye ni uwari muri Danieli, kuruta uwari mu ntare. Murabona? Ukomeye yari Uwari mu muhanuzi, kuruta uwari mu ntare.

94 Ukomeye yari Uwo wari mu bana b'abaheburayo, ukomeye yari Uwo wari muri bo kuruta uwo wari mu muriro. Kubera ko bajugunywe mu muriro; kandi Uwo wari muri bo, yari kumwe nabo maze arinda uwo muriro ngo utabatwika, igihe itanura ryari ryakijwe cyane inshuro zirindwi kuruta uko ryakaga, ricanye. Ese uko si ukuri? Ukomeye yari Uwo wari mu bana b'Abaheburayo aruta uwo wari mu b'isi.

Aho hari Nebukadinezari, cyangwaa Belteshazzar, Nebukadinezari, ndibwira ari we, ari we wacanye itanura akaryongeza ubushyuhe inshuro zirindwi kuruta uko ryari riri. Yari ahumekewe na Satani gufata aba bantu kubera bari bahagaze mu Ijambo ry'Imana, maze abata mu itanura (rishyushye inshuro zirindwi kuruta uko ryari rimeze), kandi nta nubwo ryashoboraga kubatwika. Kubera ko ukomeye yari Uwo wari kumwe na Shadraki, Meshaki, n'Abednego kuruta uwo wari mu isi. Mu buryo bwuzuye. Oh, mbega.

95 Ukomeye yari Uwo wari muri Eliya kuruta kuruta iryo juru ryari ryabaye umuringa, kubera ko yashoboraga gukura imvura mu ijuru ry'umuringa aho yari imaze imyaka itatu n'amezi atandatu itagwa. Ukomeye yari Uwo wari muri Eliya kuruta urupfu, kubera ko ubwo hageze igihe cye cyo gupfa... Imana yarebye uwo muhanuzi ushaje, unaniwe, washoboraga gucyaha Yezebeli ndetse n'uko kwisiga amarange kwe n'ibyo bintu bigezweho, kandi yagaragaraga ananiwe, noneho ntabwo yatumye ajya mu rugo mu buryo bumwe nkubwo Yakoreye Enoki; Yohereje amagare maze aramuterura nuko aramuzamura amujyana mu rugo. Ukomeye yari Uwo wari muri Eliya, kuruta uwo wari muri Yerusaremu, muri Yudeya, no mu misozi; ukomeye yari Uwo, wari muri Eliya kuruta urupfu ubwarwo. Ukomeye yari Uwo wari muri Eliya kuruta igituro; kubera yaciye iruhande igituro; yaciye iruhande urupfu; ndetse yazamutse mu rugo mu igare. Murabona? Ukomeye yari Uwo, kandi Uwo yari muri Eliya.

Uravuga uti, "Oh, rero, uriya yari umuntu ukomeye." Tegereza umunota umwe. Bibiliya iravuga ngo yari umuntu umeze kimwe na we na njye. Uko ni ukuri. Ariko igihe yasenze, yizeye ko abonye icyo yasabye; icyo Yesu yatubwiye ati, "Nimusenga, mujye mwizera ko mubonye icyo mwasabye; bizakorwa." Yarasenze, asaba cyane ko imvura itagwa, kandi ntiyagwa imyaka itatu n'amezi atandatu. Murabona? Ukomeye yari Uwo wari muri Eliya kuruta ibyaremwe.

96 Noneho bimeze gute ku gukira kw'indwara? Murabona? Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uburwayi. Murabona? Kubera ko ibyo ni ukuvanga, kuvangira itegeko nyakuri ry'Imana, nicyo uburwayi buri cyo. Aho ukomeye ari Uwo uri muri mwe, ari we Ukiza indwara n'Umuremyi, kuruta... kuruta Satani uwo uvangira gahunda nyayo y'ubuzima bwawe. "Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu isi." Murabona? Ukomeye ni Uwo uri muri Eliya. Ukomeye ni Uwo uri muri Yesaya kuruta icyo igihe cyari cyo; cyangwa uwo ari we wese muri bariya bahanuzi, kubera ko barebaga hakurya y'igihe. Murabona?

Ukomeye yari Uwo wari muri Yobu kuruta n'inyo zari mu ruhu rwe, n'urupfu n'igituro, kubera ko binyuze mu iyerekwa yabonye kuza k'Umwami, maze aravuga ati, "Umucunguzi Wanjye ariho, kandi ku munsi wanyuma, Azahagarara ku isi; kandi nubwo inyo zo mu ruhu rwanjye zaba zarasenye uyu mubiri, nyamara mu mubiri wanjye nzareba Imana." Murabona? Ukomeye yari Uwo wari muri Yobu, kuruta urupfu. Ukomeye... Kubera ko urupfu rwagerageje kumutwara kandi ntirwabishobora. Ntirwari kubishobora kubera ko yavuze ati, "Nzazuka indi nshuro." Kandi arabikora. Yarabikoze.

97 Mwumve, nifuza ko twari kubona akanya kugira ngo dukomeze imbere kuri ibi. Ariko nakwifuza kubaza ikibazo, icyo numvishe ikindi gihe, kubijyanye na Kristo muri mwe. Noneho ntimukishingikirize ku kintu mwakoze, ukavuga uti, "Numvishe gusuherwa gato. Navuze mu ndimi. Nabyinye mu Mwuka." Ntacyo mbirwanyaho ubu; uko ni ukuri kuzuye (Murabona?); ariko ntukishingikirize kuri ibyo. Murabona? Ubuzima bwawe bukwiriye kuba Uwo. Uwo ni We. Wowe n'Uwo mugomba guhinduka umwe. Murabona? Kandi noneho Uwo arigaragaza We Ubwe. Murabona?

98 Noneho, byagenda bite uyu mugoroba ushoboye kuvuga hamwe n'umutima wawe wose, ko umwuka wa Shakespeare uba muri wowe, ese ubwo Shakespeare yaba aba muri wowe? Uzi icyo wakora? Watangira gukora imirimo ya Shakespeare. Watangira guhimba imivugo, no gukina amakinamico, n'ibindi, kubera ko Shakespeare yari mwene ubwo bwoko bw'umuhanzi (yari umwanditsi ukomeye, umuhimbyi w'imivugo ukomeye). Noneho, niba Shakespeare aba muri wowe, imirimo ya Shakespeare niyo wakora. Ese uko ni ukuri?

Ese byagenda bite Beethoven aba muri wowe? Byagenda bite Beethoven aramutse aba muri wowe? Ese uzi icyo wakora? Wakwandika indirimbo kimwe na Beethoven, umuhimbyi ukomeye. Washobora kwandika indirimbo nka Beethoven, kubera ko Beethoven yahinduka ubuzima bwawe. Yaba ari Beethoven wambaye umubiri indi nshuro. Niba Beethoven aba muri wowe, imirimo ya Beethoven niyo wakora, kubera ko Beethoven yaba aba muri wowe. Ese ibyo ni ukuri?

99 Ariko Uwo uri muri mwe ni Kristo. Kandi niba Kristo ari muri mwe, imirimo ya Kristo niyo muzakora. Niba Kristo aba muri mwe. Niko Yavuze, Yohana 14:12, "Uwo wizera muri Njye, imirimo nkora niyo namwe muzakora." Niba mwari muri Kristo, cyangwa niba Kristo yarabaga muri mwe... Noneho Kristo yari Ijambo. Ese uko ni ukuri? Kandi Ijambo riza ku bahanuzi Bayo. Murabona? Kandi niba Kristo yarabaga muri mwe, imirimo ya Kristo izakorwa binyuze muri mwe, Ubuzima bwa Kristo azabubaho binyuze muri mwe. Imirimo Yakoze, ubuzima Yabayeho, na buri kintu, bizaba muri wowe, mbega kimwe n'iyo Shakespeare, Beethoven, cyangwa undi uwo ari we wese, aramutse aba muri wowe.

Niba Ubuzima Bwe… Ariko niba ukibaho ubuzima bwawe bwite, noneho imirimo yawe bwite niyo ukora. Murabona? Ariko niba ubaho ubuzima bwa Kristo, niba Kristo ari muri wowe, "Uwo uri muri wowe arakomeye kuruta uwo uri mu b'isi." Niba gushidikanya kwawe no kubangamirwa ku masezerano y'Imana kuri muri wowe, noneho Kristo ntabwo aba ari aho. Murabona, uba uguwe nabi. Ariko niba ubuzima... Niba Kristo aba muri wowe, Ijambo Rye Azaryubaha ndetse Azakora ibyo Yasezeranye. Murabona? Nibyo Azakora.

100 "Igihe musenze, mwizere ko muhawe icyo mwasabye, kandi muzagihabwa. Nimubwira uyu musozi, shinguka aha, kandi ntimushidikanye mu mutima wanyu, ahubwo mukizera ko icyo muvuze kizasohora, mushobora guhabwa icyo muvuze. Data arakora, na njye ndakora kugeza ubu. Ni ukuri, ni ukuri, ndababwiye, Umwana ntacyo yakora ku Bwe; ariko icyo Abonye Data akora, icyo nicyo Umwana nawe Akora." Murabona? Kandi igihe Data yamweretse icyo gukora, yasohotse aho nta gutsindwa na guto, maze aravuga ati, "Bibe gutyo," kandi aba ari uko biba. Kandi uwo Kristo umwe uba muri mwe kandi akaba muri twe. Noneho imirimo Ye niyo tuzakora, kubera ko Kristo ari Ijambo. Kandi isezerano ry'Ijambo rizana gukira indwara kuri wowe. Ese ibyo murabyizeye? ni ukuri.

101 Aravuga ati, "Sinzabasiga nk'imfubyi," nkuko nasenze.. Nasabye mu kanya kashize aho muri Matayo 24 (Murabona?), cyangwa Matayo 28:20. Murabona? Aravuga ati, "Nzaza kuri mwe, mbe muri mwe. Njye (Umuntu, Kristo mu ishusho y'Umwuka Wera) azaza maze abe muri wowe. Noneho ntabwo uzaba ari... Ntabwo uzongera kuba wowe ubwawe ukundi; Nzaba muri wowe. Kandi Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu isi." Murabona? Abaheburayo 13:8 haravuga hati We ari uko Yari ejo hashize n'iteka.

102 Uwo wari muri Nowa yari ukomeye kuruta ayo mazi y'urubanza. Kandi Uwo uri muri mwe arakomye kuruta uwo muriro w'urubanza. Murabona? Uwo uri muri mwe arakomeye, kubera ko Yishyuye urubanza kandi anesha urubanza kubwanyu. Murabona? Nta bwoba buhari kuri byo. Murabona, muri aho. Yego. Ukomeye yari Uwo wari muri Nowa, kuruta uwo wari mu mazi y'urubanza ayo yasenye ab'isi batizeraga, kubera ko Nowa yizeraga. Kandi ukomeye yari Uwo wari muri we uwo yizeraga uwo Wavuganye na we, kuruta uwo wari mu b'isi. Kubw'ibyo Nowa yakize urubanza rwose kubera ko Ijambo ry'Imana ryari rikomeye kuruta ibyo, maze arazamurwa hejuru y'urubanza. Ukomeye, ni gute twatinda kuri ibi akanya gato. Murabona?

103 Ukomeye yari Uwo wari muri Dawidi kuruta iyo dubu yibaga intama ze. Ukomeye yari Uwo wari muri Dawidi kuruta intare izo zazagamo aho zigafata umwe mu bana b'intama. Ukomeye yari Uwo wari muri Dawidi kuruta umwanzi Goliyati, uwo Mufilisitiya ukomeye wari uhagaze aho apima metero eshatu na centimetero mirongwitandatu n'eshanu, cyangwa metero enye z'uburebure, hamwe n'intoki zipima centimetero mirongwitatu n'eshanu z'uburebure kuri we, hamwe n'icumu risongoye nk'urushinge, kandi yari yipfutse hose akoresheje ibyuma by'umuringa cyangwa ibyuma by'ubutare bifite umubyimba wa centimetero eshanu cyangwa zirindwi n'igice. Ariko Icyari muri Dawidi cyarutaga cyane icyo cyari muri we. Yari afite imbaraga n'ibigango. Yari umurwanyi. Yashoboraga gusa.. yaravuze ngo araterurisha Dawidi

umutwe w'icumu rye maze amumanike, maze atume inyoni zimuriraho.

Kandi Dawidi aravuga ati, "Unteye nk'Umufilistiya mu izina ry'Abafilistiya. Urimo kumvuma mu izina ry'imana z'Abafilistiya." Maze aravuga ati, "Urimo urirata ibyo uribukore. Unteranye ingabo n'icumu. Ariko njye nguteye mu Izina ry'Uwiteka Imana, kandi uyu munsi ndakura umutwe wawe ku ntugu zawe." Kandi arabikora, kubera ko ukomeye yari Uwo warimo atera Dawidi uwo muhati.

104 Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta iryo gare ry'abamugaye. Ukomeye ni uwo uri muri mwe kuruta iyo ngombyi y'abarwayi. Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta kanseri. Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta imibabaro. Ukomeye ni Uwo kuruta ikintu icyo ari cyo cyose Satani yashobora kugushyiraho. "Ukomeye ni uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu b'isi." Ukomeye ni Uwo. Yego.

Ukomeye yari Dawidi… Ni iki cyari muri Dawidi, Yari Imana yari muri Dawidi. Uwo uri muri twe; uwo ni Kristo. Uwo ni Umuneshi utuneshereza buri mwanzi. Igihe yari hano ku isi, Yanesheje icyaha, Yanesheje uburwayi, Yanesheje urupfu, Yanesheje ukuzimu, yanesheje igituro; kandi noneho Aba muri twe nk'Umuneshi. Yanesheje uburwayi, ukuzimu, urupfu, igituro, maze aza kuri twe kugira ngo atubohore kuri ibyo bintu byose. Kandi ukomeye yari Uwo wari muri mwe kuruta uwo ushobora kubashyiraho ibi binyoma. Yego. "Ukomeye ni Uwo wari muri mwe, kuruta uwo wari mu isi."

105 Uko niko ibi bitangaza bibaho. Uko niko uyu muyaga wahagaze, undi munsi. Ese hari umuntu wakora ibyo? Oya, mugabo, ntibishoboka. Igihe narimpagaze aho ndimo ndira, kandi iyo miraba irimo ica ibintu… Ni bangahe bari hano, bari aho haruguru? Reka turebe ibiganza byanyu bizamuye. Muzamure ibiganza byanyu, buri muntu wari aho haruguru... haruguru muri Colorado aho muri icyo gihe. Nta kibazo, Mwene Data Fred, ndibwira, ni we wenyine wari uraho noneho. Nibwiraga ko Mwene Data Mann ari hano, ariko Mwene Data... Mwene Data Evans, ese si we? Mwene Data Evans yari ari aho haruguru icyo gihe. Yego. Niko biri. Kandi... Yego.

Mwitegereze. Ese si ukuri? Ese uko siko byagenze, imvura yarekeye kugwa n'imiyaga irekeraho kugwa? Ibyo byari ibiki? Kubw'ijambo ryanjye? Oya. Kubera ko yambwiye ngo mbikore. Kandi ukomeye yari Uwo wari muri njye kuruta ibyaremwe ibyo ari byo byose. Ese si iyo Mana imwe yashoboraga guturisha imiraba mu nyanja yatumye imiyaga isubira mu mwanya wayo? Ese si Uwo Umwe washobora kwijimisha izuba, watumye izuba rirasa? "Kuko ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu b'isi." Murabona? Niko biri.

106 Noneho, iyo niyo mpamvu ibi bitangaza by'ukuri bishobora gukoreka, kubera ko ni isezerano ry'Imana; "Ibi bintu nkora, namwe muzabikora," Yohana 14:12. Uwo, Kristo, uwo waturishije imiyaga n'imiraba, ni Umuremyi wabyo. Aracyari uwo Muremyi nkuko Yari ari; Ari uko yari Ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Yakijije indwara abarwayi, kandi yasenye icyaha, kandi byose arabihindura kubwawe, maze aza kuri wowe kugira ngo aturane na we. Yanesheje ibi byose byagombaga kuza maze atura muri twe. We ni Umuneshi wamaze kunesha ibyo bintu, birahamirijwe mu Byanditswe, yaragarutse maze akanesha buri kintu, kandi ahamiriza mwe ko ari We ya Mana imwe; kandi nyuma y'imyaka igihumbi n'amaganacyenda, hano We aracyakora ibyo bintu bimwe hagati muri twe nk'ibyo Yakoze icyo gihe. Yanesheje urupfu, ukuzimu, uburwayi, n'igituro.

107 Uyu Kristo, ni We, We ni.. Uwo uri muri mwe; Ni Kristo. Nkuko Yohana yavuze ati, "Uwo uri muri mwe ni ukomeye kuruta uri mu b'isi." Uwo yari Kristo. We arakomeye kuruta ab'isi bose kubera ko Yanesheje isi, kandi arakomeye kuruta ibyo bintu byose kubera ko yabinesheje kubwacu; kandi turi abaruta abanesha binyuze muri We wadukunze maze Akatwiha, kugira ngo Abashe kugaruka maze akore imirimo Ye binyuze muri twe kugira ngo aduhamirize ko ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka.

Igihe yari ku isi Yarabihamije, igihe yahagaze hagati mu bantu, Yari Mesiya. Yashoboraga kurondora ibitekerezo byari mu mitima yabo. Kandi Bibiliya iravuga ngo, Mose yavuze ko hazabaho umuhanuzi. Ese si ko biri? Yari Azi amabanga y'imitima. Yari Azi abo bantu abo baribo. Yari Azi ikibazo bafite. Ese ibyo twarabibonye? Ibihe byinshi.

108 Tuziko abapfuye bazutse, bava mu bapfuye. Bamwe muri bo bari bapfuye nk'umunsi n'igice, cyangwa bapfuye mu gitondo maze bakabazana uwo mugoroba, kandi bakagenda ijoro ryose kandi umunsi ukurikiyeho nko mu masaa sita, cyangwa gato nyuma ya saa sita maze bakaza kugera aho ihema ryari riri, umwana muto wari wapfuye, yakonje, kandi arambitse aho ku maboko ya nyina. Murabona? Kandi Umwami Imana ivuga Ijambo ry'Ubuzima, maze uwo arongera arashyuha maze atangira kurira, nuko twongera kumusubiza mu maboko ya nyina.

Mrs. Stadsklev ahagaze hariya yabonye ibyo biba, iyo niyo mpamvu yatatse cyane kubera umwana we, yashakaga ko njya mu Budage. Ariko Umwami aravuga ati, "Kiriya ni ikiganza Cyanjye; ntubicyahe." Murabona, Yari Ibizi neza. Igihe Yabwiye Mose, iti, "Bwira igitare, ntugikubite." Ibyo byari bisobanuye kuvuga; ntabwo ari ugukubita. Murabona? Ugomba kubaha icyo yavuze gukora. Ariko nta muntu wakora ikintu ubwe. Agomba kuba yabanje kumva Imana ikivuga.

109 Noneho, Ijambo ry'Imana ryasezeranye ko Ariho; kandi kubera ko Ariho, namwe muriho. Yasezeranye ko "Imirimo Nkora, niyo namwe muzakora; ibintu bimwe, ndetse ibibiruta, muzabikora, kubera ko njya kwa Data." Yanesheje ibintu byose. Ni we Uwo wahagaritse... Ni We Umwe waremye twa dukima. Ibyo byabayeho inshuro ebyiri. Rimwe byababaye hariya hepfo iwanyu, Charlie. Ndetse bibaho; biba haruguguru hano, igihe bene Data, Mwene Data Fred na Mwene Data Banks, n'abandi twari kumwe haruguru aho hamwe na twe.

Byabaye aho mu Budage igihe abarozi cumi na batanu, kuri buri ruhande rwanjye, bavuze… Kubera ko Billy na Mwene Data Arganbright batari bubemerere kumbona, baravuze bati, "Ntacyo, tuributere ririya hema kuguruka." Maze bicara aho hamwe n'imitongero yabo, maze bahamagara imana yabo Satani, maze aza aho hamwe n'umuyaga. Hafi nk'ibihumbi mirongwitatu, ibihumbi mirongwine by'Abadage byari aho hanze, kandi iryo hema ryarimo ryitera hejuru no hasi nka gutya... Bo... Kandi noneho bafata umukasi maze bakata uruhu, barwegeza inyuma nka gutya. Maze bicaye aho, bajya muri iyo mitongero yabo ndetse bavuga ayo magambo atatu yera, baravuga bati, "Data, Umwana, Umwuka Wera; wo-loo-loo-loo-loo. Data, Umwana, Umwuka Wera; uhhhh,"

110 Bigenda nka gutyo, maze muri ako kanya haza ikirere kibi, nyakuri. "Ni igikomangoma cy'imbaraga z'ikirere," Satani.

Maze bahamagara ikirere kibi, kandi njye… Habe na rya hema rinini, ryari hanze nka gutya… Oh, mbega, ryari ritwikiriye nka ahantu hanini; kandi ryubatse, ryubakishijwe n'ibyo bikoresho binini bya kabiri kuri kane, kandi ayo mahema yari aziritse kuri byo. Umuyaga winjira munsi aho maze urabizamura, nka gutya. Uwo muyaga maze urabinyeganyeza nka gutya, nkomeza kubwiriza.

Kandi Oh, binjira muri iyo mitongero ikomeye, barakomeza nka gutyo, bakomeza kuvuga ayo magambo yera mato. Baravuga bati, "amagambo atatu akomeye cyane yera: Data, Umwana, Umwuka Wera," ku mpande zombi nka gutyo. Noneho mbona arunamye, azengurutswe n'amadayimoni, ariko ataboshywe.

Maze mbwira Mwene Data Lowester, "Ibi ntubisobanure."

Ndavuga nti, "Mwene Data Arganbright, usenge gusa."

Ndavuga nti, "Mwami Mana, Muremyi w'ijuru n'isi, Wanyohereje hano; nkandagije ikirenge cyanjye kuri ubu butaka bw'Ubudage mu Izina rya Yesu Kristo kubera ko Wanyohereje hano. Kandi kiriya gicu nta mbaraga kimfiteho. Ntacyo cyakora, kubera ko nasizwe kandi nkoherezwa hano kubw'agakiza k'aba bantu. Ndagutegetse mu Izina rya Yesu ngo uve hano."

111 Kandi inkuba zarimo zivuga, "Bang, bang, bang, nuko zirahinduka grrrrr," maze zisakuza zigenda; Kandi ako kanya hejuru y'ihema, umuyaga urekeraho guhuha, nuko izuba rirasa.

Kandi nko mu minota icumi, hari abageze nko ku bihumbi icumi aho ku gicaniro n'ibindi, barimo bataka ngo bagiririrwe imbabazi zo kubona imbaraga z'Imana. Kubera iki? "Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu b'isi." Murabona, murabona?

"Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu b'isi." Kureba imibabaro n'ibindi… Oh, mwene Data, mushiki wacu, ntabwo dufite ubwoba na buke. Ugukomera ni Imana, kandi ni Uwo uri muri mwe. Mwizeye ibyo?

112 Noneho, narengeje igihe cyane. Ni hafi saa tatu n'iminota cumi n'itanu. Kandi ndabizi ko hari abantu, bagomba gutwara imodoka urugendo rurerure. Reka twubike imitwe yacu akanya gato.

O Data Mana, uzi ibyo kuri Colorado. Uzi ko ibi bintu ari ukuri, kandi ndabivuga kubw'icyubahiro Cyawe, kugira ngo aba bantu bamenye nyuma y'ibi bihamya byose by'ubushakashatsi bw'amafoto n'imirimo y'Umwuka Wera. Kandi, Mwami, Urabizi ko nabyeretse abantu mu buryo bweruye, kandi igihe cyose ndabikora, ibyo ni ukubera ko wabisezeranye. Kandi uri hano, ugerageza kubona umuntu Washobora kwihamirizamo Wowe Ubwawe binyuze muri we, kugira ngo bitume abandi babona ko Uriho kandi ko Uri uko wari Ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ndagusenze, Mwami, kugira ngo ugire imbabazi kandi utuyobore maze utwerekere mu bitekerezo byacu.

Hari abo bicaye hano barwaye kandi bababaye. Hari abo ahari bashobora gupfa nibaramuka batabonye ubufasha Bwawe. Benshi muri bo, ahari, bari ku iherezo ry'urugendo aho muganga adashobora kugira icyo abafasha ukundi. Uri Imana, kandi Uri uko Wari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, kandi Kugaragara Kwawe kuri hano.

113 Kandi, Mwami, ntabwo tuzi icyo uku Gukurura kwa Gatatu kuri cyo, nkuko twabivuzeho, ko bizaba. Ntabwo nzi ibyo biricyo. Ariko tuzi ikintu kimwe, ko Gukurura kwa Mbere kwari gutunganye. Gukurura kwa Kabiri, kubwo kuba gatatu, kwari ubuntu. Kandi, Mana, ndagusenze uyu mugoroba ngo Wihishure Ubwawe kuri twe, kugira ngo nyuma y'ibi bintu, havugwe, "Uwo uri muri mwe..." Kandi waravuze uti,

"Imirimo nkora, namwe muzayikora," kandi waravuze ngo ntacyo Ukora Data atakikweretse.

Kandi twabonye icyo Wakoze igihe Washoboye kubwira intumwe Petero uwo yari we, n'izina rya se iryo ari ryo, maze ukabwira Natanayeli icyo umurimo we wari cyo, n'uburyo yaje kugera aho, n'aho yari ari mbere y'aho, n'icyo yakoze; ukabwira uwo mugore wari ku mugezi icyaha cye n'icyo yari afite... kubaho mu busambanyi hamwe n'abagabo batandatu, yari yaragize batanu, ndetse n'uwo babanaga ubwo nawe ntabwo yari umugabo we. Uracyari ya Mana imwe.

Waravuze…

114 Yari impumyi Barutimayo mu mimerere ye ubwo yari ahagaze aho; ariko nyamara, mu mutima we yari afitemo imirebere y'uko ashobora kureba ibyo niba uwo Yehova ugaragajwe mu Mwana ari We Yesu Kristo, uwo washobora kumenya kurira kwe. Maze ararira, "Wowe Mwana wa Dawidi, ngirira imbabazi." kandi byaraguhagaritse, maze Urahindukira uramukiza, O Data, uramubwira ngo kwizera kwawe kuragukijije.

Uwo mugore muto wavaga amaraso, aho muri iki kibazo cy'amaraso no guhinduka k'ubuzima… Kandi byari bimaze iminsi myinshi bidashobora guhagarara. Yari yaratakaje amafaranga menshi mu baganga, kandi nta numwe washoboraga kumufasha. Yaje muri amwe mu materaniro Yawe mu gihe Warimo Uvugana n'abantu aho... I Galilaya, mu gihe Wowe wari munzira ujya kwa Yayiro. Uyu mugore muto yibwira mu mutima we, nta Cyanditswe gihari ati, "Nimbasha gukora ku mwenda We, ndizeye ko Ndibukire neza." Maze ahabwa ibyo yifuzaga igihe yakoze ku mwenda Wawe. Kandi Waramubwiye ngo Kwizera kwe niko kwakoze ibyo, agaragaza icyo ashaka, kandi arakira neza.

Twabwiwe mu Ijambo ko Uri Umutambyi Mukuru, uwo wicaye ahirengeye, Uwo uhoraho ngo atwingingire. Kandi nanone ko Wowe, kubwo kuba Umutambyi Mukuru muri iki gihe, kugira ngo ukorweho n'ibyiyumviro by'ubumuga bwacu. Mwami Mana, biduhe kugira ngo buri muntu hano uyu mugoroba agire amahirwe yo kugukoraho, Umutambyi Mukuru ukomeye, maze bakire. Kubw'icyubahiro cy'Imana, ndabisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

115 Noneho, ntabwo mbizi… Ese hari amakarita yo gusengerwa? Nabwiye Billy ko nta… Ese hari umuntu ufite ikarita yo gusengerwa? Nta kibazo, uko niko biri; namubujije kuyatanga. Natekereje ko nshobora kuza gutinda, nkuko njye…. Oh, ndavuga cyane. Ariko murebe... Murabona? Kandi mwambwiye, igihe navuze nti, "Ndibugerageze kugeza saa mbiri n'igice," mwasetse, kandi njye... Narinziko muzi ibyo muri kuvuga. Kandi njye... Ariko njye ndabakunda.

Murabona, n'iki… Ni iki ndimo kugerageza gukora, igihe cyose nagerageje ibi, nshuti; ntabwo ari iby'umuntu kuvuga uti, "Mwene Data Branham yakoze ibi." Mwene Data Branham ntacyo yakora. Murabona? Ni Yesu Kristo. Kandi Uwo uri muri njye ari muri mwe. Mugomba kwizera. Ese ibyo si ukuri? Murabona? Uwo uri muri mwe arakomeye cyane kuruta indwara.

116 Noneho, ni abantu bangahe barimo hano barwaye mu mibiri yabo, ntabwo munzi, ariko mwizeye ko mufite kwizera guhagije ko gukora ku Mutambyi Mukuru, muzamure ibiganza byanyu, muvuge muti, "Ndabyizeye." Niko biri. Oh, bari ahantu hose, ibiganza. Niko biri. Ni bangahe bari hano banzi kandi bakaba bazi ko ntacyo nzi kubijya n'ibyo mukeneye, kandi mukaba mushaka ko Imana ibakoraho, muzamure ibiganza byanyu. Murabona, murabona? Nta kibazo.

Mu kuvugisha ukuri, nta muntu uri hano naba nzi ikintu kijyanye nawe, aha mu mimerere y'aka kanya, kubwo kuba arwaye, ariko uyu muhungu wicaye hano, ndamuzi. Naramusengeye inshuro nyinshi. Ntabwo nibuka izina rye, ariko aturuka epfo muri Kentucky. Ajya nyandikira ibihe byose, n'inshuti cyane ya Mwene Data na Mushiki Wacu Wood n'abandi, kandi yaje hano haruguru. Kandi yaje mu materaniro igihe kirekire. Uwo ni we muntu wenyine nzi.

Noneho, Mwene Data Dauch, uko nabasha kumenya ko se ko nta kibazo cyangwa ko ashobora kuba yicaye hano. Yari arwaye cyane undi munsi, kandi Umwami aramukiza.

Ntabwo nzi uyu muntu. Ntabwo nzi ufite izi mbago hano, ahari n'uriya muntu uri mu kagare. Ariko ntabwo mbizi. Kandi nzi benshi muri mwe, ariko Imana yo mu ijuru irabizi; kuri uyu mwanya ntabwo nzi icyo mushaka. Nta gitekerezo mbifiteho.

Ni ibintu bigoye hano ku Rusengero, kubera ko (Murabona?), nzi abantu benshi.

117 Noneho, hano hari uko bimeze. Igihe uje ahantu… Noneho, naje hano igihe kimwe maze ndavuga nti, "Nta kibazo, turibuhe buri muntu ikarita yo gusengerwa maze bose tubashyire ku murongo. Baze hano ku gicaniro." Umuntu umwe ashobora kuhava... Noneho, ntushobora... Ubu, nshuti, ngiye gufungura umutima wanjye maze mbabwire ikintu. Ibyo ntushobora kubihisha. Ibyo mutekereza, ndabizi. Uko ni ukuri. Nzi ibyo murimo gutekereza. Murabona?

Kandi igihe kimwe muravuga muti, "Mwene Data, ndizeye." Koko, koko, murabyizera cyane.

Murabona, murabona? Ndabizi. Kandi muri hano, igihe njye… Aka kanya ubu, gusigwa kuza kuri njye (Murabona?), kandi nshobora kumva uko gutera k'umutima, bimeze nko gukubita (Murabona?), ukumva ububare ahantu hatandukanye. Murabona? Ariko noneho, ntukongere kutizera. Wizere ubutumwa bwose. Wizere ko ari... Niba atari ko biri... niba bitanditse muri Bibiliya, noneho ntukabyizere. Ariko niba biri muri Bibiliya, noneho Umwuka Wera uwo uba muri twe umurimo We ni uwo gusohoza ibyo, niba tubyizeye. Ese ibyo ni ukuri? Ndabizi ko bigoye. Murabona? Nta kintu wabona byoroshye.

118 Byari bigoye kuri We gupfa kugira ngo ibi bibashe kubaho kuri wowe. Byari bigoye kuri We kugira ngo ajye iKaruvari. Yashakaga kwigumira aho, ndetse cyane kugeza ubwo yatatse ati, "Ntibibe uko nshaka, ahubwo Ibyawe bibe aribyo biba." Murabona, murabona? Ntabwo azashaka kugenda; Yari umuntu muto, kandi Yari afite abavandimwe be. Yarabakundaga nkuko mbakunda. Ariko ntiyashoboraga kubaho ngo nabo babeho; niko Yapfuye kugira tubashe kubaho. Ibyo ntabwo byari byoroshye. Yagombaga kubikora. Reba uko urupfu rwari ruraho imbere Ye. "Data, igihe kirageze. Ese nagusenga nti unkureho kino gikombe kijye kure yanjye?" Oya, ntabwo Yashakaga gukora ibyo; Yashakaga ko ubushake bw'Imana aribwo bubaho.

119 Noneho, murebe, niba wizera ibyo bintu bimwe… Noneho, ntukabikingirize na gato. Byizere gusa; byizere mu buryo budakuka. Ntushidikanye; maze ubyizere.

Ndamutse nzanye abantu mu murongo w'amasengesho, maze nkavuga nti, "Niko biri, noneho uyu muntu, urabizi ko ntakuzi."

"Oya, uko ni ukuri, Mwene Data Branham."

Hanyuma hariya inyuma ukumva umuntu urimo kuvuga ati, "Uh-huh, ariko arimo arasoma ibyanditse kuri iriya karita yo gusengerwa; ni ibintu byo gusoma ibitekerezo." Ibyo nibyo nyakuri azakora.

Hanyuma ndavuga nti, "Nta kibazo, noneho kuri iki Cyumweru ntabwo tugiye gutanga amakarita yo gusengerwa. Ndashaka buri muntu hano w'umushyitsi, akaba atarigeze agera hano mbere, ngo ahaguruke." Murabona? Kandi… Kandi noneho Umwuka Wera araza kuzenguruka aho maze arondore ibyo byose biri muri bo. Murabona? Ese ibyo ni ukuri. Murabibona mu buryo bwombi.

"Oh, rero, hari ikintu kitagenda hamwe n'ibyo. Murabona? Murabona, nta nzira ihari, wowe… wowe… wowe ntibishoboka… Murabona, igihe cyose Satani ashobora kubafata, azatuma mwizera ibibonetse byose. Murabona? Kandi azabereka buri kosa nakoze, kandi mfite menshi ashobora kubereka. Ntimurebe kuri ibyo. Ntimurebe kuri byo; ndi umuntu. Murabona? Ariko mwibuke, iri Jambo ry'Imana ni Ukuri kandi ndimo kugerageza kugumana na Ryo."

120 Ndamutse nsohotse hano maze ngatangira gukora ibintu bipfuye, ibintu bitaribyo, gukora ibyaha, maze nkanywa inzoga, no… cyangwa nkanywa itabi, cyangwa ngakora ibintu bitaribyo, mwe… mukaza, mukamanura hano, kubera ko bidakwiriye. Nahitamo noneho kuva mu isi. Nifuza ko nagenda mbere y'uko ibyo bibaho. Murabona? Ntabwo nshaka gukora ibyo.

Ariko igihe cyose ngerageje kubaho uburyo bukwiriye kandi ngakora ibikwiriye (Murabona?), kandi nkagerageza kubaho nkuko Umukristo akwiriye, kandi noneho nkemerera Imana gufata Ijambo Ryayo maze nkumvikana mpagaze kuri Ryo… Nubwo byantandukanya n'inshuti nyinshi no kwamamara kw'isi, n'ibindi nk'ibyo, ndetse no kwangwa na benshi, kandi amadini akanterera hanze, nabwo nshaka kuba umunyakuri kuri iri Jambo. Ni Ijambo ry'Imana. Kandi nkunda Imana. Kuko ni Ijambo ry'Imana. Kandi ndakubwira ko We ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Kandi Ari muri twe ubu.

Kandi niba…

121 Noneho, niba ubuzima bwa Shakespeare bwari muri njye, bukaba muri njye, biba Shakespeare aba muri njye, ese sinakora imirimo ya Shakespeare? Niba Beethoven aba muri njye, Ese sinakora imirimo ya Beethoven? Niba umwuka wa Dillinger uri muri njye, niba John Dillinger aba muri njye, ese sinaba John Dillinger? Niba Beethoven yari muri njye, naba Beethoven? Murabona? Kandi niba Yesu Kristo ari muri njye, imirimo Ye niyo nkora, kubera ko ni We. Ndetse yavuze ko ibyo bintu bimwe bizabaho? Murabona?

122 Noneho, ni iki yajyaga gukora iyo Ajya kuba ahagaze hano, niba We ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka? Yajyaga kuvuga ati, "Nkora gusa ibyo Data Anyeretse ngo nkore." Ese sibyo? Rero, uko niko Yakoze ejo hashize. Noneho, Ese ni We umwe? Bimeze bite ku burwayi? Igiciro cyawe cyamaze kwishyurwa. Buri wese muri mwe yamaze gukira uburwayi bwe. Ese ibyo ni ukuri? Kubw'ibyo... Buri wese muri mwe yarababariwe, ariko ugomba kubyemera. Buri wese muri mwe yamaze gukira indwara, ariko ugomba kubyemera.

Noneho, guhamya ko Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, iyo Aba Ahagaze hano, ntabwo yajyaga kugukiza indwara na gato hamwe no kutizera kwawe. Ugomba kubyizera, nkuko ugomba kubyizera aka kanya. Bigomba kuba bimwe (Murabona?), kubera ko imirimo myinshi ikomeye Atashoboraga gukora mu gihe Cye, kubera kutizera kwabo. Ese siko biri? Imirimo myinshi ikomeye Atashobora gukora

uyu munsi kubera kutizera.

123 Noneho, yari inde wajyaga kuvuga mbere ibyo? Yarinde wavuze ibi? Imana. Yarinde wakoze ibyo? Imana. Yarinde wavuze aho idubu, amasha, n'impara, n'ibyo bindi byose, n'izo zirindwi… oh, ibyo bintu byose byabayeho? Yari inde wavuze ibyo? We, Kristo, uwo uri muri twe, ahanura Ubwe binyuze muri twe, Yihishura Ubwe ko Ari uko Yari ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ni nde wahagaritse imiyaga? Ni nde waremye udukima? Uwo Umwe waremye umwana w'intama kubw'Abraham, igihe yamwise "Yehova-yire." Ayo Mazina amwe ahujwe y'ubucunguzi n'ubu arakora kuri We. Aracyari Yehova-Yire, "Umwami ashobora kwishakira Ubwe Igitambo."

124 Noneho, buri wese muri mwe, ndashaka ubunyakuri bwe buhagije ubu. Niba mwashobora kwizera hamwe n'imitima yanyu yose, ntabwo haba umuntu urwaye hagati muri twe mu gihe isaha yabara indi minota itanu ikurikiyeho. Aha nta muntu hano waba adashobora guhagarara ku birenge bye neza, niba mushobora kubyizera. Ese mwashobora kwizera?

Noneho, reka turebe ubu niba Aza kuri twe kandi Akihishura Ubwe, mu gihe twubitse imitwe yacu.

Mwami Yesu, noneho umfashe ubu noneho. Kandi ndakumvira, Mwami, kubyo namenya byose. Umbabarire ibyaha byanjye n'ibicumuro… Ndasenze mu Izina rya Yesu. Amena.

125 Noneho, reka dufate uru ruhande hano, umuntu umwe hano. Izere; gira kwizera; ntushidikanye. Umuntu utanzi, niba bishoboka, sinshobora kuvuga aho iyerekwa rigiye. Ndagomba kuryitegereza. Kandi Niriba, noneho murabimenya, niba ari ukuri cyangwa atari ko. Wowe wizere gusa kandi ntushidikanye. Kandi Naramuka Abikoze, ese mwakwizera (Murabona?), nyuma y'ibi byose byakozwe uyu munsi? Murabona? Noneho wemere gukira kw'indwara. Murabona? Vuga ati, "Mwami, ubu ndimo gukora kuri Yesu Kristo. Ndizeye." Ubu, Reka Imana y'ijuru ibiduhe.

"Ukomeye ni Uwo uri muri mwe, Kristo, kuruta uwo uri mu b'isi." Noneho, mu materaniro aho tumukoraho, Arigaragaza Ubwe, nkuko umugore yakoze ku Mana binyuze muri Kristo maze agaragaza ibyo akeneye

126 Ndabona ubu hariya mu nguni hano, arasa n'umugabo; birakomeye cyane. Oya, ntabwo ari we; ni umugore urimo asengera umugabo, kandi umugabo ari hano. Ariko ni umugore. Ndabona ko uriya mugore… Ni papa we, kandi ararembejwe na kanseri, ararembye. Uwo mugabo ntabwo ari hano. Ari ahandi hantu; yewe nta nubwo ari muri iki gihugu; Ari muri Georgia. Komeza usenge. Wizere n'umutima wawe wose ubu? Mukomeze munsengere. Izina ry'umugore urimo gusenga ni Jordan. Ntabwo ari uwo muri Georgia; ni uwo muri North Carolina. Niba ibyo ari byo, mugore, hagarara ku birenge byawe, byose ni ukuri. Ese warimo usenga gutyo? Niko biri. [Umugore avugana na Mwene Data Branham—Ed.] Wizera ko Uwo uri muri mwe ari ukomeye kuruta uwo uri mu b'isi? Wizera ko Uwo uri...

127 Reba hano, hano hari ikintu kidasanzwe, wari waratojwe cyane mu minsi yawe ya kera, cyangwa ikindi kintu, kubera ko birasa nkaho bigushobeye cyangwa uri mu moko runaka y'imigenzo. Ese papa wawe s'umubwiriza cyangwa undi muntu nk'uwo, bamwe mu bantu bawe, cyangwa ikindi kintu? Umugabo wawe, uwo ni we ari we. Nshobora kubona umuntu ahagararanye namwe arimo abwiriza Ubutumwa Bwiza, kandi uri mu rusengero; afitanye isano na we. Niko biri, ngaho aho muri.

Noneho, mugore njye ntabwo nkuzi, ariko Imana izi uyu mugore. Noneho, ese hari ikintu ufite mu mufuka wawe, agatambaro gato cyangwa ikindi kintu ahongaho? Niko biri, noneho wowe… Igihe wicaye hasi, shyira ikiganza kuri ako gatambaro kandi ntushidikanye, kandi Uwo uri muri wowe arakomeye kuruta uwo urimo kwica papa wawe. Wizere n'umutima wawe wose, noneho biraba nkuko wizeye.

128 Noneho, ndashaka kukubaza ikintu. Ntabwo nzi uriya mugore. Kubyo nzi, ubu ni ubwa mbere, ndakeka, ntaba narigeze mubona. Ariko yicaye hano mu mimerere yihebye, urimo urasenga. Kandi iyo Mana yahindukiye maze ikabwira uwo mugore ibijyanye n'uko kuva maraso kwe, ni iyo Mana imwe iri hano; yerekana ko Uwo uri muri mwe yanesheje isi. Murizeye? Niba mufite kwizera gusa, ntimushidikanye...

129 Ndimo kuvuga kuri kanseri, ndimo kubona nanone cya gicucu cy'umukara. Kiri hejuru y'umugore wicaye hano. Afite kanseri y'umuhogo, kandi ari mu mimerere ititeguye. Kandi yari yarasengewe, ndetse agerageza kwemera gukira kwe. Mrs. Burton, niwizera… Ntabwo nzi uyu mugore, ariko niba wizeye n'umutima wawe wose... Nyakuri, ikintu... Reka ngusobanurire ibi kuri wowe. Ni iki urimo kugerageza gukora, watakaje ijwi ryawe kubera yo, kandi urimo kugerageza gusenga ngo ijwi ryawe rigaruke. Ese niko biri? Nyeganyeza ikiganza cyawe nka gutya. Noneho, umugore ni umushyitsi kuri njye. Nguyu hano. Murabona? Ukomeye ni Uwo uri muri mwe, kwizera gushobora kumukoraho, kuruta uwo uri mu muhogo wawe. Urizeye n'umutima wawe wose?

130 Mushiki wacu Larsen, ndakuzi. Ni we unkodesha. Ariko Mushiki wacu Larsen, wagiye kwa muganga cyangwa ikindi… ikindi kintu. Wazamutse kujya ku bagwa. Uko ni ukuri. Ese ibyo si ukuri? Ukomeye ni Uwo uri muri wowe, Mushiki wacu Larsen, aruta uri mu b'isi. Yesu yaravuze ati, "Nari umushyitsi, maze

uranyakira. Igihe cyose muzakora icyo kintu gito kuri abo bato Banjye, ni Njye muba mubikoreye.” O Data wo mu ijuru, utugirire imbabazi.

Ni iki mutekereza? Uri hano haruguru kubera ko ugiye kubagwa nawe. Uri umushyitsi kuri njye. Ese siko biri? Ntabwo uri uwa hano. Uranzi, ariko njye ntabwo nkuzi. Ariko Imana irakuzi. Ibyo urabyizeye? Uri hano haruguru kubera ko ugiye kubagwa. Ntabwo uba hno. Uri hafi ya Bedford, Springville, ikintu nk'icyo. Aho niho uri, Springville. Mrs. Burton... oya... mumbabarire; ntabwo ari cyo nashakaga kuvuga. Mrs. Parker, iryo niryo zina ryawe, ese siko biri? Ukomeye ni Uwo uri muri wowe kuruta uwo urimo kugerageza kukwica. Ese ibyo si ukuri? Ese urizeye n'umutima wawe wose? Noneho ntabwo uribukenere ko ubagwa, niba wizeye.

131 Ni iki utekereza kuri ibi byose, mushiki wacu? Ntabwo nkuzi. Uri umushyitsi kuri njye. Uranyizeye ko ndi umuhanuzi Wayo? Oh, urabyizeye. Urakoze. Imana iribwubahe ibyo. Uri Mrs. White. Uturutse Fort Worth, Texas. Ufite indwara y'imitsi, uri mu mimerere yo guhangayika. Umeze nabi; nta byiringiro kuri wowe kubijyanye no kuba wavurwa no kwa muganga. Umugabo wawe, afite icyo akeneye cy'umwuka icyo arimo gusengera. Ufite umwana hano; afite ikibazo cy'umugongo n'uburwayi bw'umutima. Ufite umwana muto ku bibero bye; uwo muhungu muto afite imvugo y'uburyo murimo gusengera. Niba ibyo ari ukuri, zamura ikiganza cyawe. “Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uwo uri mu b'isi.” Ese ibyo urabyizeye? Hamwe n'umutima wawe? Hamwe nawo wose?

Noneho, reka twubike imitwe yacu.

132 Noneho, Arimo kugenda mu nyubako. Yabahamirije ko Ari Imana. “Ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta uri mu b'isi” Ni Umwami Imana. Noneho, Uwo uri muri mwe, reka Afate ubutware bwose. Reka agire Ijambo riruta ibyo…Ibyo urimo kwibwira mu mutima wawe aka kanya, niba wabishobora n'umutima wawe wose, kandi ukabyizera, “Uburwayi buri mu mubiri buba bwagiye. (Murabona?) Nta bwo nkibabara ukundi. Nta ndwara ngifite ukundi. Uwo uri muri njye arakomeye kuruta uwo uri mu mubiri wanjye. Uwo uri mu mutima arakomeye kuruta uwo uri mu nyama zanjye. Kubw'ibyo, Uwo uri mu mutima wanjye yaremye ijuru n'isi. Inyama zanjye zandujwe na Satani, kandi ndi urusengero rw'Umwuka Wera rwo kubamo. Kubw'ibyo, Satani, ndagutegeka ngo uve mu mubiri wanjye. Mu Izina rya Yesu Kristo, Mvamo.” Murabona? Ese murabyizeye?

Noneho, reka dusenge mu buryo bwacu, buri wese, mu gihe ndimo kubasengera.

133 Mana Ishobora byose, Muremyi w'ijuru n'isi, Mutangabungingo, Muhishuzi w'amabanga y'umutima, Uravuga uti, “Ijambo ry'Imana riratyaye kuruta inkota ikebera amugi yombi, Iryo ni Umurondozi w'ibitekerezo by'umuntu.”

Iyo niyo mpamvu igihe Ijambo ryambaye umubiri, Ryamenye icyo barimo batekereza ku bijyanye no kuba Yarimo amenya ibitekerezo byabo; Yari Ijambo, kandi Ijambo ryamenyaga amabanga y'imitima yabo. Kandi iryo Jambo riracyari rya Jambo rimwe. Kandi uyu mugoroba turaribona ryihishura muri twe nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, kubera ko Yaryanditse ku mpapuro kandi Ari hano ngo Arihamirize, Aryerekana, ko ari ukuri.

Hano harambitse udutambaro, turi hano. Abantu barwaye bari ahantu hose. Ndasenga ngo Umwuka Wera ukomeye ariwo Uraha, ariwo Werekana ibi bintu byose, Akatubwira ibi bintu, kandi ntabwo wigeze narimwe unanirwa gukora ibikwiriye; kandi nta narimwe ushobora kunanirwa, kubera ko ni Imana. Reka We asige utu dutambaro hamwe no Kugaragara Kwe, maze akize buri muntu urwaye bari bukarambikeho. Kandi Mana, Ishobora kubaho nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri kandi Ukirema Ubwawe mu mutima w'umunyabyaha uwo wacunguwe n'ubuntu kubwo kwizera, kandi Ugashobora kuvuga Amagambo Yawe unyuze mu minwa ipfa, kandi tukabibona biba neza neza nkuko Wabisezeranye...

134 O Mwami Mana, ndagusaba ngo utugirire imbabazi. Kandi reka buri mugabo n'umugore bicaye hano uyu mwanya, abo bafite ubwoko bw'uburwayi cyangwa imibabaro; nkuko Mose yinaze ubwe mu cyuho kubw'abantu, uyu mugoroba nshyize umutima wanjye hanze imbere Yawe, Mwami. Hamwe no kwizera kose mfite, kuri muri Wowe, uko wampaye, ndakubahaye. Nkuko Petero yavuze ku irembo ryitwa Ryiza, “Nkuko nahawe, niko nguhaye, 'Mu Izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, haguruka kandi ugende.'” maze uwo muntu wari uremaye kandi... kandi afite intege nke mu gihe runaka, ariko mu gihe bamufashe, utugombambari twe tubona imbaraga. Maze yinjira mu nzu y'Imana, yiterera hejuru kandi ahimbaza ndetse aramya Imana.

Uri umwe, ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Kandi intumwa Ze zaravuze ziti, “Nkuko mfite, niko ntanze,” kwari ukwizera. Na njye ndavuze nti, “Uko mfite, niko mpaye iri teraniro: Mu Izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, murekure uburwayi bwanyu, kubera ko ukomeye ni Uwo uri muri mwe kuruta Satani ugerageza gutwara ubuzima bwanyu. Muri abana b'Imana. Mwaracunguwe. Ndategeka ko Satani arekura aba bantu. ”

Reka Imana uwo wahinduye icyo kirere kibi urya munsi, Imana yateye umuyaga n'umuraba gutuza,

reka Ibone ko buri burwayi bwakuwe muri aba bantu kandi imbaraga za Kristo zaremwe mu buzima bwabo kuri iyi saha. Reka buri munyabyaha yihane. Reka buri muntu utari hafi Yawe, yitunganye kuri iyi saha. Kandi reka bibe bityo mu Izina rya Yesu Kristo.

135 Njye, nka pasiteri wanyu, mwene So, hamwe n'uko kwizera mfite, nasabye Imana ngo igushyire muri mwe. Nizeye ko nahawe icyo nasabye. Noneho, niba mushobora kubyizera hamwe nanjye, hamwe n'uko kwizera mfite, ndakubahaye kuri iyi saha. Kandi noneho, mu Izina rya Yesu Kristo, Umwana w'Imana, wanjye imibabaro yawe, uburwayi bwawe, kandi ubibwire uti, "Mugomba kugenda." Kubera ko mufite kwizera kwanyu, kongeraho kwizera kwanjye, hamwe n'imbaraga za Yesu Kristo Uwo kuba hose kwe kuri hano kugira ngo kubihamirize kandi ahamye ko Ari hano, Arabakiza uyu mwanya.

Ese ibyo urabyizeye, mugore, uryamye kuri iyo ngombyi? Nubwo mu ngingo zawe harimo ibyo byose, kubw'iyo ndwara yo guhinamirana[sclerosis] n'ibindi, ushobora kugenda uramutse ugerageje. Kandi… Nguriya arahagurutse. Ese ntimwizeye? Abasigaye bose, muhaguruke kandi mwirukane ibyo. Utugombambari twe twakiriye imbaraga.

Noneho, reka tuzamure ibiganza byacu maze tumuhimbaze. Hahimbazwe Yehova Imana. Mu Izina rya Yesu Kristo, turakwiyeguriye kubwo gukira indwara.

MESSAGE hub online

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7

www.messagehub.info